

GLOBAL ADVANCE
Ibitabo
Life BOOK
VOLUME I
Imfashanyigisho ku Gutera imbere k'Umuntu n'Itorero
GUKORA KU BAYOBOZI…
GUHINDURA AMAHANGA

na
David Shibley

Cyacapwe n'umuryango Global Advance Resources
Umuryango Global Advance, Inc.

Iki gitabo ntikigurishwa. Wemerewe gukora kopi z'amasomo yo guhugura abantu, izo kopi zigatangwa ku buntu nta kiguzi.

Usibye imirongo yasubiwemo mu yandi magambo, Ibyanditswe byose bivugwa muri iki gitabo byakuwe muri Bibiliya y'Icyongereza New King James Version.
(Copyright) © 1979, 1980, 1982 hamwe na Thomas Nelson, Inc., publishers.
Gikoreshwa hatanzwe uruhushya.

ISBN 0-9749202-0-7

# Ibirimo

Intangiriro

GUHABWA UBUTUMWA BWIZA

1 Inkuru nziza tubwiriza.....................................................................6
2Uko wamenya ko uri umwana w’Imana…………………………….10
3 Intambwe za mbere........................................................................13
4 Ubuntu butangaje………………………………………………….16

IMITERE N’UMUHAMAGARO

5 Amagambo atanu y’ibanze yo kwizera…………………………….19
6 Umurimo wera imbuto kandi w’igihe kirekire…..............................22
7 Kwemerwa ku Imana………………………………………………..25
8 Guhamagarwa no Kumaramaza………...………………………...28
9 Gutoneshwa………………………………………………………….31
10 Kuba nk’uko umutima w’Imana ushaka……………………. 34
11 Ubuzima bwitandukanije…………………………………….38
12 Umurinzi w’Ubugingo……………………………………….42
13 Mbere na mbere, korera umurimo hano!..............................45
14 Imigambi ya Satani…………………………………………..49
15 Kubaho wita ku bifite umumaro…………………………….. 53

**ISomo Ryigisha ku Gutera imbere k’Umuntu n’Itorero**

# *Intangiriro*

Uri uw'agaciro mu bwami bw'Imana!

Imana ishaka gukora ibintu bikomeye binyuze mu buzima bwawe. Ishaka kugukoresha kuzana abantu benshi mu kwizera Yesu Kristo. Imana ishaka gukuza umurimo wayo yaguhaye. Imana ishobora kugukoresha gutangira amatorero mashya. Ishobora kugukoresha kubwayo ugahindura Igihugu cyawe. Imana ishobora kugukoresha ugasakaza urukundo rwayo ku bantu benshi, ndetse no kugerenza imbibi z'igihugu cyawe. Igufitiye imigambi ikomeye!

Ibi bisaba kwiyemeza ku ruhande rwawe. Ugomba kwiyemeza gukura. ***Igitabo cy'Ubuzima*** gikozwe mu buryo bwo kugufasha gukura mu migenderanire n' Imana ndetse n'umurimo w'ubutumwa bwiza. Iki gitabo cyatanzwe n'abakristo bagukunda kandi bakwizera. Izi nyigisho zijyanye n'ubutumwa bwacu, imiterere yacu ndetse n'umuhamagaro nk'ababwiriza butumwa bwiza bwa Yesu Kristo.

Dale Witt, n'abo dukorana muri Global Advance tujya mu bihugu byinshi twitabira inama z'abashumba zitegurwa na Global. Muri izi nama duhura n'abakozi b'Imana bakomeye, abakozi b'Imana nkawe. Icyifuzo cya "Global Advance" ni ugushyira icyerekezo mu mitima y'abashumba ndetse n'ibikoresho mu biganza byabo. Imana ikoresha inama z'abashumba gushyira intego mu mitima y'ibihumbi by'abashumba b'amatorero. Turasenga kugira ngo Imana ikoreshe ***Igitabo cy'ubuzima***, nk'igikoresho mu biganza by'abashumba gitanga ubuzima.

Ibi ni bimwe mu byagufasha kubyaza umusaruro iki ***Gitabo cy'Ubuzima***:

- *Uko usoma usenge*. Saba Umwuka Wera aguhishurire ukuri kandi akwigishe gushyira mu bikorwa uko kuri wiga.

- *Iga* ***Igitabo cy'Ubuzima*** *ufite Bibiliya ifunguye*. Imirongo yo muri Bibiliya ntiyanditse mu ***Gitabo cy'Ubuzima***. Keretse gusa imirongo yatanzwe. Ibi bifite impamvu. Kureba imirongo yo muri Bibiliya bigufasha kumenyerana uku kuri gukomeye ko mw'Ijambo ry'Imana.

- *Iga isomo rimwe buri cyumweru*. Gusoma ikigishwa kimwe buri munsi mu cyumweru bizagufasha gufata neza uku kuri n'ingingo nyamukuru haba mu bwenge no mu bugingo.

- *Fata mu mutwe imirongo ya Bibiliya nyuma ya buri somo.* Imwe mu ntwaro zawe zikomeye nk'umwigisha w'ubutumwa bwiza ni ukumenya Ibyanditswe. Umwuka Wera azakoresha Ijambo ry'Imana wabitse mu mutima wawe.

- *Tekereza ku kuri kw'ingenzi kwa buri somo.* Uku kuri gushobra guhindura ubuzima bwawe. Emerera Umwuka Wera kuvugana nawe mu gushyira aya mahame y'ubuzima imbere mu bugingo bwawe.

- *Shyiraho gahunda* yo gushyira mu bikorwa ibyo wize. Igice kivuga "Igisubizo cyawe" kiboneka ku mpera ya buri somo kiguha amahirwe yo gusubiza uku kuri gutanga ubuzima uko kuri ukaguhindura ibikorwa bihindura ubuzima. Iyemeze ko uzashyira mu bikorwa ibyo wize.

- *Isomo ryo mu Cyumweru cya 1 rishobora gukoreshwa mu gusangiza abandi Ubutumwa bwiza.* Itwaze ***Igitabo cy'Ubuzima*** aho ugiye hose. Ushobora gukoresha isomo ry'icyumweru cya mbere nk'igikoresho cy'ivugabutumwa. Ushobora guhamya Kristo kandi ukayobora abantu kumwizera binyuze gusa mu kubasomera isomo ry'icyumweru cya 1 kandi ukabaha amahirwe yo kuvuga uko babyakiriye.

Imana ibahe umugisha uko urushaho gukura mu rugendo rwawe na Kristo no mu kumokerera. Yesu yaravuze ngo, "Ibyo ni byo byubahisha Data, ni uko mwera imbuto nyinshi, mukaba abigishwa banjye." (Yohana 15:8). Ndasenga ngo Imana izakoreshe ***Igitabo cy'Ubuzima*** maze kigufashe kwera imbuto nyinshi.

David Shibley
*Perezida wa Global Advance*

IGITABO CY'UBUZIMA

# *The Good News We Preach*

*Ubuvumbuzi bw'akamaro cyane kandi bushimishije mu buzima ni ukubona inzira igana mu rugo ku Mana. Hari ibyapa bituyobora mu rugo Iwayo.*

## Urukundo — Umutima w'Imana ukwerekezaho

Nk'umuremyi wa byose, Imana Iratunganye kandi Irera. Umutima wayo wuzuye urukundo rwifuza kukugeraho. Imana yifuza kugukuraho ibyaha. Yifuza kuguha amahoro mu bwenge no mu mutima, ikaguha intego y'ubuzima no kukwizeza ko mu ijuru hari urugo uzabanamo na Yo.

**Bibiliya iravuga ngo . . .**

*Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. (Yohana 3:16).*

*Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, arikojyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibonebwinshi. (Yohana 10:10).*

*Muri iki ni mo urukundo ruri: si uko twebwe twakunze Imana ahubwo ni uko Imana ari yo yadukunze, igatuma Umwana wayo kuba impongano y'ibyaha byacu. (1 Yohana 4:10).*

**Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane byatumye itanga Umwana wayo w'Ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho Yohana 3:16**

## Imbabazi n'Ubusabane — Ibyo ukeneye ku Mana

Icyo abantu bakeneye cyane aho bari hose ni ukubabarirwa n'Imana bagasubira mu busabane na Yo. Gusaragurika bizanwa no kwinezeza

n'ubutunzi akenshi ni ugushakisha Imana tutabizi. Nubwo twaremwe kwishimira ubwiza bwayo kwigomeka kw'abantu k'ubuyobozi bw'Imana bikuraho ubusabane bwacu na Yo

Uku kwigomeka ni wo muzi w’ibyaha byose kandi ni ko kwateye umubabaro mu isi yacu. Kwiyemeza kwacu kose kwatuma tugera ku Mana kwarakemanzwe.

**Kuko hariho Imana imwe kandi hariho Umuhuza umwe w’Imana n’abantu ari we Yesu Kristo 1 Timoteyo 2:5**

**Bibiliya iravuga ngo . . .**

*Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese (Yesaya 53:6).*

*Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n’Imana yanyu,n;ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga no kumva.* (Yesaya 59:2).

*Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw’Imana.* (Abaroma 3:23).

*Kuko ibihembo by’ibyaha ari urupfu, ariko impanoy’Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu*. (Abaroma 6:23).

## Yesu Kristo — Imana yamutanze ku bwawe

Yesu Kristo ni Imana yambaye umubiri. Nk’Umwana w’Imana yabayeho ubuzima butunganye kandi butarimo icyaha. Urupfu rwe ni igitambo Imana yemera ikiguzi cy’ibyaha byacu byose. Nyuma y’iminsi itatu apfuye ku musaraba, yavuye mu mva, atsinda icyaha burundu, atsinda urupfu na kuzimu. Nk’igitambo rukumbi cy’ibyaha, Imana iguha imbabazi n’ubugingo bushya ako kanya. Ukabasha kumenya inzira igana mu rugo ku Mana. Ukabasha guhinduka umwe mu bagize umuryango wayo aka kanya.

**Bibiliya ivuga ngo…**

*Yesu aramubwira ati:”Ninjye nzira n’ukuri n’ubugingo:nta wujya kwa Data ntamujyanye”.* (Yohana14:6).

*Kuko hariho Imana imwe,kandi hariho umuhuza umwe w’Imana n’abantu, na we ni umuntu, ari we Yesu Kristo.* (1 Timoteyo 2:5).

*Iradukiza,itabitewe n’imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw’imbabazi zayo idukirisha kuhagirwa ariko kubyarwa ubwa kabiri, ikadukirisha no guhindurwa bashya n’umwuka wera. (Tito 3:5).*

*Kuko na Kristo yababarijwe ibyaha by’abantu rimwe, umukiranutsi ababarizwa abakiranirwa kugira ngo atuyobore ku Mana amaze kwicwa mu buryo bw’umubiri ariko ahinduzwe muzima mu buryo bw’umubiri (1 Petero 3:18)*

## Kwihana no Kwizera — Kwiyegurira Kristo

Kwiyegurira Kristo bisobanuye iki? Ubwa mbere bisobanuye kwihana cyangwa kuva mu nzira zawe za kera. Mu guhindukirira Kristo ugomba kureka ibyaha byawe byose no kwirwanirira ushaka kwikiza. Iri sezerano na Kristo risobanura kwizera urupfu Yesu yagupfiriye nk’ikiguzi rukumbi cyari gikenewe kwishyura ibyaha byawe. Kuko yakuguze amaraso ye bwite. Bisobanura kandi kwegurira Yesu Kristo ubuzima bwawe. Igihe cyawe cyo kugirana iri sezerano na Kristo ni iki.

**Bibiliya iravuga ngo . . .**

*Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b’Imana.* (Yohana 1:12).

*Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami,ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzamuye uzakizwa, Kuko umutima ari wo umuntu yizeza akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa . . . Kuko “umuntu wese uzambaza izina ry’umwami azakizwa.” (Abaroma 10:9, 10, 13).*

### *Iri sengesho urishyire ku mutima:*

*Mwami Yesu Kristo, warakoze kumfira ku musaraba. Aka kanya nihannye ibyaha byanjye kandi nizeye ko amaraso yawe wamennye nk’inyishyu y’ibyaha byanjye byose. Nizera ko uri Umwana w’Imana kandi ko Imana yakuzuye mu bapfuye. Nkwakiriye nk’umukiza wanjye kandi nshyize ubuzima bwanjye bwose mu biganza byawe Mwami. Urakoze kumva isengesho ryanjye, kumbabarira ibyaha ndetse no kuza mu buzima bwanjye nk’uko wabinsezeranyije. Amen.*

Niba wasenze iri sengesho mu kuri no kwizera urakaza neza mu muryango w’Imana. Yesu Kristo yemera kuza mu buzima bwawe iyo wihannye mu kwizera, ukamutumira ngo akubere Umwami w’ubugingo bwawe. Bibiliya ivuga ngo, *“kandi uko guhamya ni uku:ni uko Imana yaduhaye ubugingo buhoraho, kandi ubwo bugingobubonerwa mu Mwana wayo. Ufite uwo Mwana ni we ufite ubwo Bugingo, naho udafite Umwana w’Imana nta Bugingo afite* (1 Yohana 5:11, 12).

**KUZIRIKANA:**

*Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana*. (Yohana 1:12).

**UKURI KW'INGENZI:**

Binyuze mu rupfu rwe ku musaraba, Yesu yafunguye inzira ku gakiza ndetse n'ubugingo buhoraho kuri buri muntu wihana ibyaha bye akamwakira nk'Umwami n'Umukiza.

**IGISUBIZO CYAWE:**

• Hari isezerano wakoze ryo kwegurira ubuzima bwawe Kristo?

• Ni iki uzakora muri iki cyumweru kugira ngo usangize undi umuntu ubutumwa bwiza?

• Ni gute Imana yakoresha ubuzima bwawe kugira ngo ubutumwa bwiza bwayo bugere ku bantu benshi?

Icyitonderwa: Ubu butumwa buboneka nk'ubutumwa bwiza bwakuwe mu nyandiko ya American Tract Society, P.O. Box 462008, Garland, Texas 75046 USA or www.gospelcom.net/ats.



## Ibisobanuro

***Urukundo — Umutima w'Imana ukwerekezaho***

***Kubabarira n'Ubusabanwe — Ibyo ukeneye ku Mana***

***Yesu Kristo — Imana yamutanze ku bwawe***

*Kwihana no Kwizera —* ***Kwiyegurira Kristo***

# *Uko wamenya ko uri umwana w'Imana*

## Soma: Yohana 1:12; Abaroma 10:9, 10

Twinjira mu mubano n'Imana iyo twihannye ibyaha byacu kandi tukakira impano y'agakiza k'Imana binyuze mu mwana wayo Yesu Kristo. Mu kwizera twakira igitambo cy'Imana nk'ikiguzi cyuzuye cy'ibyaha byacu. Ibi Bibiliya ibyita kuba muri Kristo. (Soma 2 Abakorinto 5:17.)

Binyuze muri Kristo dukizwa wa munsi wa kaga igihe Imana izaciraho urubanza abatizera ibaziza ibyaha no kutizera kwabo. (Soma Abaroma 10:9, 10; 1 Abatesalonike 5:9; 2 Abatesalonike 1:8,9).

*Twacungujwe* amaraso ya Kristo — twabatuwe ingoyi ya Satani n'icyaha. Ubu turi aba Yesu. Yishyuye ikiguzi cy'ibyaha ku bwacu. (Soma 1 Petero 1:18, 19.)

Iyo twakiriye Yesu Kristo nk'Umwami n'umukiza wacu, turahindurwa. Bisobanuye ko duhindurwa n'ubuzima bwe n'imbaraga ze ziri muri twe. (Soma Matayo 18:3.)

Ubu wabaho n'ibyiringiro byuzuye ko wababariwe kandi ko uri umwe mu bagize umuryango w'Imana. Ni byiza ko n'itorero ryawe rigira ibi byiringiro. Abantu benshi bajya bagira gushidikanya mu gakiza kabo. Uku niko wafasha abo ubwiriza kubaho bafite ibyiringiro ko ari ab'Imana.

**Niringiye kuzabona ubugingo buhoraho, ubwo Imana itabasha kubeshya yasezeranije uhereye cyera kose. Tito 1:2**

**1. Emera udashidikanya ko wihannye ibyaha byawe kandi ko wakiriye Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwawe.** Mu yandi magambo, emeza ko uwo muntu yahindutse by'ukuri kandi ko yahindukiye akava mu byaha bye. Agomba kandi kuzibukira kwirwanirira akishinjikiriza igitambo Yesu Kristo yatanze ku musaraba nk'ikiguzi rukumbi cy'ibyaha byawe Imana yemera

**2. Ibyiringiro by'agakiza bihamywa nuko Yesu Kristo atuye muri wowe.**

Yesu yatwemereye kuza kuba mu buzima bwa buri wese uzamwakira.(Soma Ibyahishuwe 3:20; Yohana 6:37; 1Yohana 5:11, 12.)

**3. Menya ko Atari wowe wasohoje agakiza ahubwo ko ari Imana yagasohoje.**

Imana ni yo idukiza. Agakiza si ikintu ukora ahubwo ni ikintu Imana yagukoreye! Nk'uko indirimbo imwe ivuga ngo: "Yanyishyuriye ya myenda yose/Byose ni yo mbicyesha."

**Icyo nzi neza rwose ntashidikanya ni uko iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku munsi wa Yesu Kristo**
**Abafilipi 1:6**

**4. Izere amasezerano Imana igufitiye.** Kubera kwizera kwawe ubu ufite *ubugingo buhoraho ubwo Imana itabasha kubeshya yasezeranije uhereye kera kose*. (Tito 1:2.) (Soma amasezerano atangaje y'agakiza Imana yaguhaye muri Yohana 5:24; Yohana 10:9; Yohana 10:28, 29.) Shyira kwizera kwawe mu Mana itabeshya n'ijambo ryayo rihoraho.

**5. Ntiwishingikirize ibyiyumvo byawe.**

Ibyiringiro by'agakiza kawe ntibyagakwiye gushingira ku byiyumviro byawe mu gihe runaka. Ahubwo byagakwiye kuba bishinze imizi mu mpamvu zifatika kandi zifite amateka-Yesu Kristo, Umwana w'Imana wapfuye akazuka! Nk'ikiremwa gishya wabaye umuntu mushya.Wababariwe ibyaha byawe kandi ntuzabishinjwa. (Soma Abakolosayi 2:13). Uhinduka umunsi kuwundi kuko Mwuka wera aba muri wowe. Ubu ufite kamere nk'iya Yesu. (Soma Abaroma 3:22)

Muri Kristo ufite ubuzima burumbutse kandi ufite n'ubugingo buhoraho. "Ubugingo buhoraho" bivuze ko uzabaho ibihe byose n'Umwami mu Ijuru. Ariko na none bivuzeko wifitemo ubuzima bw'Imana muri wowe. Imana yaremye isi n isanzure igufite nk'uwayo kandi izakomeza umurimo wayo w'urukundo no kuguhindura kugeza uwo murimo iwushoje. (Soma Abafilipi 1:6)

## KUZIRIKANA:

*Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya. (2 Abakorinto 5:17).*

## UKURI KW'INGENZI:

Iyo twihannye ibyaha byacu tugashyira kwizera kwacu mu murimo Yesu yadukoreye ku musaraba, Imana iratubabarira ikatwakira mu muryango wayo. Tugirwa bashya, tukabyarwa bwa kabiri!

## IGISUBIZO CYAWE:

• Ese ufite ibyiringiro by'agakiza kawe?

• Ibyiringiro by'agakiza kawe bishingiye kuki?
• Tegura isomo ryo gusangiza abandi uku kuri.

Ibisobanuro

# *Intambwe za Mbere*

## Soma: 2 Abakorinto 5:14, 15

Deitrich Bonhoeffer yaranditse ngo, "Iyo Kristo ahamagaye umuntu, aramuhamagara ati ngwino upfe." Intumwa Pawulo yaravuze ati, *"Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira." (Abagalatiya 2:20).*

Ibi ni ibikubiye mu kuba umukristo — gukurikira Yesu Kristo ugashyira ubuzima bwawe bwose mu biganza bye. Muri uru rugendo rwo gukurikira Yesu Kristo hari intambwe z'ibanze buri mwizera agomba gutera.

**1. Guhamiriza mu ruhame kwizera kwawe muri Kristo.** Ibyemezo bikomeye mu buzima bitangarizwa mu ruhame. Buri gihe iyo Yesu yahamagaraga umuntu, yamuhamagariraga mu ruhame. Guhamya gukurikira Yesu, uba utangarije isi ko udafite ipfunwe ryo kumwemera nk'Umwami w'ubuzima bwawe. Uku guhamiriza mu ruhame byemeza neza isezerano ryawe na Kristo. (Soma Matayo 10:32; Abaroma 10:9, 10.)

**2. Kurikira Yesu mu mubatizo w'amazi:** Umubatizo wawe ni uguhamiriza mu ruhame kwizera kwawe. Uba utangaje ko wapfuye ku bya kera ukazukira kugendana na mu buzima bushya muri Yesu. Umubatizo kandi ni impamvu yo gusangiza incuti n'abavandimwe kwizera kwawe muri Yesu Kristo. (Soma Abaroma 6:4.)

**3. Saba Mwuka Wera kukuzura no kukuyobora.** Mwuka wera ni umufasha Yesu Kristo yasezeranije abamukurikira. Mwuka Wera aba muri twe abakristo, aduha imbaraga zo gukora no gutekereza ibyo ibinezeza Imana. Imbuto, impano ndetse n'imbaraga z'Umwuka Wera tubifiteho uburenganzira. (Soma Abefeso 5:18.)

**Umuntu wese uzampamiriza imbere y'abantu, nanjye nzamuhamiriza imbere ya Data uri mu ijuru.**

**Matayo 10:32**

**4. Hindukira uve ku cyaha cyose.** Dushobora kubaho uuzima butunganye mu mbaraga z'umwuka wera uba muri twe. Buri gihe Imana iduhishuriye amagambo, imimerere cyangwa ibikorwa bitayishimisha tugomba kwemera ibyo byaha kandi tukabyihana byose. Uko tugendera mu rumuri rwa Kristo, ubusabane na we bugenda bukomera kand tugakomeza no kumwegera cyanne kurushaho. (Soma 1 Yohana 1:7– 9.)

**5. Ifatanye n'itorero rya gikristo.** Terana n'abandi bizera kuko ni ingenzi mu mikurire y'umukristo. Dukomezwa no guterana ndetse no kuramya turi hamwe n'abandi, ndetse n'abandi bakadukomeza. Kwifatanya n'itorero ryubaha amahame ya Kristo bizaguha amahirwe yo gukorera umwami Yesu Kristo ndetse no gufasha abandi ba Kristo. (Soma Abaheburayo 10:24, 25.)

**6. Korera Kristo ukorera abandi.** Nk'abakurikira Yesu tugomba kuba abagaragu ba bene data. Aho guhora uhangayikiye ibyawe ahubwo ugahoza amaso kuri Kristo ndetse n'abantu ushobora kubwiriza mu izina rye. Ni witangira Imana n'abandi uzaba uri kubahisha Yesu Kristo. (Soma Mariko 10:44, 45.)

**7. Fungukira Imana binyuze muri Bibiliya.** Ntukamare umunis udasomye,utize cyangwa ngo ufate akanya ko gutekereza ku ijambo ry'Imana. Biriiya n'Ibaruwa y'urukundo Imana yakwandikiye. Kuri buri paji Imana ivugana nawe-Ikuyobora, Ikuburira ndetse Inagukosora mu rukundo. Reba ibintu byose bigukikije,umunsi kuwundi birasaza uretse ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana rizahoraho iteka ryose. (Soma Yesaya 40:8; Zaburi 119:105.)

**8. Agura ubuzima bwawe bwo gusenga.** Ku isi nta cyubahiro gihari kiruka kugira ubusabane n'Imana. Kubera amaraso ya Yesu Kristo dufite umuyobor ku Imana igihe cyose, ahantu ahariho hose. Ushobora gutangira gukoresha isengesho Yesu yigishije intumwa ze muri Matayo 6:9 -13. Uko usenga ujye wizera ko Imana izagusubiza. Ushobora guhindura isi ukoresheje isengesho! (Soma Mariko 11:24; Abaheburayo 10:19 – 23.)

**9. Bwira abandi ibya Yesu.** Mbega ukuntu ari iby'agaciro guhagarira Yesu Kristo. Ama miliyoni n'ama miliyoni y'abantu ku isi ashonjeye kumenya Imana. Bose biteguye kwakira Yesu Kristo –ariko barabura umuntu byibuze wabatungira urutoki kuri we. Iyumvishe cyane amahirwe yo gusangiza abandi urukundo rwa Kristo no kumwizera.Hari umunezero mwinshi mu gusangiza ibya Yesu Kristo byibuze no ku muntu umwe gusa. (Soma Ibyakozwe n'intumwa 1:8.)

**10. Izere amasezerano y'Imana.** Imana iranezerwa iyo tubaho mu kwizera, twiringiye ibyo yavuze. Imana yaduhaye isezerano ryo kubana natwe. (Soma Abaheburayo 13:5.) Imana yaduhaye isezerano ry'intego n'imigambi yayo. (Soma Abaroma 8:28, 29.) Yaduhaye isezerano ko izamara ubukene bwacu. (Soma Abafilipi 4:19.) Imana yadusezeranije kuduha imbaraga mu bigeragezo. (Soma 1 Abakorinto 10:13.) Gira kwizera kandi wizere n'amasezerano Imana yaguhaye. (Soma 2 Abakorinto 5:7.)

**KUZIRIKANA:**

*Ahubwo mukurire mu buntu bw'Imana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n'Umukiza. Icyubahiro kibe icye none n'ite ryose. Amen. (2 Petero 3:18).*

**UKURI KW'INGENZI:**

Kuba umwigishwa ni urugendo rurerure rw'ubuzima uyoborwa na Yesu Kristo ndetse na Mwuka wera uhamagarira n'abandi gukurikira Yesu.

**IGISUBIZO CYAWE:**

• Ese wateye izi ntambwe z'ingenzi

zavuzwe haruguru mu rugendo rwawe na Kristo?

• Ese hari itsinda rito ry'abantu uhugura

nk'uko Pawulo yahuguye Timoteyo?

Ni nde 'Timoteyo wawe"?

• Kora igena bikorwa ryawe ryo gusangiza n'abandi izi ntambwe

**Icyitonderwa:** Byinshi kuri ibi wabisanga mu gitabo cya David Shibley cyitwa ***Now That You Are His***. Ugishaka wakoresha urubuga: www.globaladvance.org

## Ibisobanuro

IGITABO CY'UBUZIMA

# *Ubuntu Butangaje*

## Soma: Yohana 1:14 – 17

Hari ukuri kubiri gutandukanya Ubukristo n'andi madini yo mu isi: Kuzuka kwa Yesu Kristo n'ubuntu bw'Imana. Mu yandi madini hari ibisabwa kugira ngo wemerwe n'Imana cyangwa ikigirwamana. Nk'abakristo Imana iduha gukiranuka iyo twizeye. Gukiranuka kwacu tubiheshwa no kwizera kudacogora nk'uko tubisoma muri Bibiliya. (Soma Abaroma 4:19 – 25.)

Amadini yakozwe n'abantu atangirana n'ibyo gukora na za kirazira, ariko Ubukristo butangirana na "byarakozwe!" Ku musaraba Yesu yararize ngo: *"Byose birarangiye!"(Yohana 19:30)*. Ikiguzi cy'agakiza kawe cyarishyuwe.

Ubuntu burenga imbabazi. Ubuntu bw'Imana ni ubufasha Imana iduha tudakwiriye. Ubuntu Imana iduha butwemerera kubaho ubuzima Imana yishimira. Twakira Ubuntu bw'Imana mu kwizera ariko kwizera nako ni impano Imana iduha.

Hari ibikorwa by'ubuntu bivugwa muri Bibiliya, ibi ni bimwe muri byo:

**1. Ubuntu bukiza.** Charles Spurgeon yavuze ukuri ati: "Umuntu yongeraho igiteranyo cy'ubusa mu gukizwa kwe." Dukizwa ku bw'ubuntu bw'Imana. Ibi bivuze ko Imana idukiza iyo dushyize ibyingiro byacu muri Kristo, niyo twaba tutabikwiye iradukiza. Iyo twizeye ko Yesu yarangije akazi kose ku musaraba, Imana iduha gukiranuka kwayo ibinyujije mu kwizera kwacu. (Soma Abefeso 2:8, 9; Tito 3:5

**Iradukiza itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo idukirisha kuhagirwa ariko kubyarwa bwa kabiri, ikadukirisha no guhindurwa bashya n'umwuka wera.**
**Tito 3:5**

**2. Ubuntu butanga umutekano.** Umubano wacu n'Imana ufite umutekano kubera Ubuntu bwayo. Ese ni iki cyakongerwa ku nyishyu yatanzwe ku byaha byacu ariyo maraso ya Yesu Kristo? Tugomba kwemezwa nka Pawulo ko Yesu afite ubushobozi bwo kurinda twe yaguze amaraso ye. (Soma 2 Timoteyo 1:12) Ikiguzi cy'ibyaha byacu cyishyuwe n'amaraso ya Yesu Kristo yatumuneye. (Soma Abaroma 5:1,

**Ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo, n'urukundo rw'Imana no kubana n'umwuka wera bibane namwe mwese. Amen.**
**2 Abakorinto 13:14**

**3. Ubuntu butwezaho gukiranirwa.** (Soma Tito 2:11–14.) Itegereze impinduka mu buzima bwacu zizanwa n'ubuntu bw'Imana. Ubuntu bw'Imana butwigisha 1) kuvuga "oya"ku bintu bitubahisha Imana n'irari ry'isi, 2)kuvuga "yego" ku bintu byubahisha Imana, 3) kubaho mu byiringiro byo kwitegura kugaruka kwa Yesu Kristo.

**4. Ubuntu bwitangira abandi.** (Soma 2 Abakorinto 8:9, Abefeso 3:1,2.) Ubuntu bw'Imana butwemerera kwitangira abandi mu izina rya Yesu Kristo.

**5. Ubuntu butungura.** Imana ishimishwa nuko turi abana bayo. Iduhundagazaho Ubuntu hejuru y'ubuntu. Ikadutunguza imigisha tutiteguye kandi ikaduhesha imbaraga kugira ngo yiheshe icyubahiro. (Soma Yohana 1:16).

**6. Ubuntu budukomeza:** Mu gice cya kane cy'ibyakozwe n'intumwa itorero nibwo bwa mbere ryari rihuye n'itotezwa. Mu guhangana n'iri totezwa itorero ryarasenze risaba Imana imbaraga n'ikimenyetso cyagakwemeza buri wese ko Yesu yazutse kandi ari muzima. Imana yabasubije ibaha imbaraga ndetse n'ubuntu bukomeye. (Soma Ibyakozwe n'intumwa 4:33.)

**7. Ubuntu buhagije.** Pawulo yarasobanukiwe neza imbaraga ze nke. Ariko intege nke ze yazihinduyemo intsinzi ikomeye ya Kristo, avunja integer nke ze mo imbaraga za Yesu.! Ubuntu bw'Imana buraguhagije.(Soma 2 Abakorinto 12:9, 10.)

Akira uku kwemera guturuka mu ijambo ry'Imana uyu munsi: *"Ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo, n'Urukundo rw'Imana no gufashwa n'Umwaka wera bibane namwe mwese. Amen.*

*(2 Abakorinto 13:14).*

### KUZIRIKANA:

*Mwakijijwe n'ubuntu no kwizera,*

*ntibyavuye kuri mwe ahubwo n'impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugira*

*ngo hatagira umuntu wirarira, kuko turi ab yaremye ituremeye imirimo myiza muri*

*Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera ngo tuyigenderemo. (Abefeso 2:8–10).*

### UKURI KW'INGENZI:

Ubuntu bw'Imana ni ubufasha Imana iduha tutabukwiriye kandi ni ugushobora kwa Yesu Kristo muri twe.

### IGISUBIZO CYAWE:

• Ese wizerera mu mirimo myiza yawe ngo ukizwe, cyangwa wizerera burundu mu mu Yesu Kristo yarangirije ku musaraba?

• Ese hari aho wiyumvamo integer nke? So na none 2 Abakorinto 12: 9, 10 uvome ku b bw'Imana

• Tegura ubutumwa ku buntu bw'Imana usangize abandi kuri uku kuri.

## Ibisobanuro

# *Amagambo Atanu Ahamya Kwizera*

## Soma: Yeremiya 1:4 – 19

Iyo Imana ihamagariye umuntu umurimo wayo, iramubashisha ku bw'umurimo wayo. Ushobora kumva ko udafite ibisabwa byose nkuko Yeremiya nawe yibwiraga. Imana igihe yahamagaraga Yeremiya, yamubujije kugira urwitwazo na rumwe. Imana yacyashye Yeremiya imubuza kuvuga ko adashoboye gukora ibyo Imana yamuhamagariye.

Nka Yeremiya Imana yaguhamagariye kugeza ubutumwa bwayo ku bagize ikinyejana urimo. Imana izaguha ibyo ukeneye byose kugira ngo usohoze ubutumwa yaguhaye. Mu guhamagarwa kwa Yeremiya tuhabona amagambo atanu y'ibanze yo Kwizera. Buri rimwe ryuzuye icyizere cy'imbaraga Imana ifite muri wowe.

*Iyo wiyeguriye Imana iragushoboza!* Ukaba wavuga uti, *"Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga." (Abafilipi 4:13). Shira amanga wature aya magambo yo Kwizera. Yavuge kugeza igihe uyizereramo. Tera intambwe ukore ku buzima bwa ab'igihe cyawe ku bwa Kristo*.

IJAMBO RYO KWIZERA RYA MBERE: **"Ndi uwa agaciro gakomeye mu bwami bw'Imana, ngombwa ko nitwara nk'ambasaderi w'ijuru."** *"Nakumenye ntarakurema mu nda ya nyoko kandi nakwejeje utaravuka, ngushyiriraho kuba umuhanuzi uhanurira amahanga." (Yeremiya 1:5).* Mbere y'uko uvuka, Imana yagutoranirije umurimo wayo. Ugomba kugendera mu cyubahiro cy'umuhamagaro w'Imana nk'ambasaderi wa Kristo. (Soma 2 Abakorinto 5:20; Abafilipi 1:17.)

IJAMBO RYO KWIZERA RYA KABIRI: **"Ijambo ry'Imana riri mu kanwa kanjye. Ku bw'ibyo nzavuga nk'umutambyi w'Imana."** "Nshyize amagambo yanjye mu kanwa kawe" (Jeremiah 1:9). Ugomba kubwirizanya ubushobozi, kuko uziko Imana iri gutambutsa ubutumwa bwayo muri wowe. Abantu ubahe ubutumwa Imana yaguhaye. Nubwiriza ijambo ry'Imana ujye witega ko Imana hari icyo igiye gukora! (Soma 1 Petero 4:11.)

**Nshobozwa byose na Kristo umpa Imbaraga Abafilii 4:13**

IJAMBO RYO KWIZERA RYA GATATU: **"Umurimo w'Imana ni umurimo wanjye. Ku bw'ibyo nzawukorana umwete."** Imana yohereje umuhanuzi muto *"kurandura no gusenya, kurimbura no kūbika, kubaka no gutera imbuto" (Yeremiya 1:10)*. Mu yandi magambo Imana yahaye Yeremiya akazi. Uri mu kazi gakomeye kurusha akandi ku isi Ese kuki hagomba kubaho umuhinzi uhingana umwete mu murima we kukurusha wowe uhinga mu murima w'umwuka? Kuki hari umunyeshuri ugomba kwigana umwete kukrusha? Kuki habaho umucuruzi ufite ishyaka ryo kubaka ubucuruzi bwe rirusha iraywe ryo kubaka ubwami bw'ijuru?

Yesu ntiyigeze ahubuka, ariko na none nta na rimwe yakerewe. Ntiyigeze yangiza umwanya na muto. Umushumba umwe w'icyamamare yigeze kubazwa ibanga akoresha ngo umurimo we utere imbere. Arasubiza ati, *"Kunda Imana, ukunde abantu, usenge cyane ukorane umwete."* Yesu yakoranaga umwete kandi abangutse. Natwe ni uko tugomba kuba. (Soma Zaburi 90:12; Yohana 9:4; Abefeso 5:16.)

IJAMBO RYO KWIZERA RYA KANE: **"Ihishurirwa n'igisabwa kuri njye. Ku bw'ibyo nzasenga."** Imana yabajije Yeremiya ati, "Yeremiya we, uruzi iki?" (Yeremiya 1:11). Ese iyerekwa-ihishurirwa ryawe n'irihe? Ihishurirwa n'ukuri Imana ishaka kuguhishurira. Uburezi n'ingirakamaro. Ariko ihishurirwa rifite umumaro urenzeho. (Soma Luka 18:1.) Tubasha kugira ihishurirwa iyo turi imbere y'Imana.

IJAMBO RYO KWIZERA RYA GATANU: **"Ngomba kubiba ngo nzasarure." "Ku bw'ibyo nzabiba mu Kwizera."** Igihe ni iki ngo *"uhaguruke uvuge" (Yeremiya 1:17)*. Umuhinzi agomba kuba yarabibye imbuto mbere y'uko asarura, nawe rero ugomba kubiba imbuto y'ijambo ry'Imana mbere yuko usarura. Imana ibikurikiranya gutya: biba, maze usarure. Tanga, ubone kwakira. (Soma Luka 6:38; Abagalatiya 6:9; Ibyakozwe n'Intumwa 20:35.)

## Ibisobanuro

### KUZIRIKANA:

*"Nakumenye ntarakurema mu nda*

*ya nyoko kandi nakwejeje utaravuka, ngushyiriraho kuba umuhanuzi uhanurira amahanga."(Yeremiya 1:5).*

### UKURI KW'INGENZI:

Wahamagawe n'Imana uri intumwa kugira ngo ugeze ijambo ry'Imana ku bagize igihugu cyawe ndetse n'amahanga. Imana yagutoranyije utaranavuka.

### IGISUBIZO CYAWE:

• Atura aya magambo yo Kwizera buri

munsi w'iki cyumweru.

• Tegura ubutumwa ubusangize abandi ku guhamgarwa kwa Yeremiya ndetse n'ihamagarwa ry'intumwa muri iki gihe

# Umurimo Wera imbuto kandi w'Igihe kirekire

## Soma: Zaburi 78:72; 2 Petero 1:2 – 11

Ngize ngo ndagusengera wowe nk'umubwiriza butumwa bwa Yesu Kristo,nagusengera nsaba Imana ngo iguhe umurimo wera imbuto kandi wubahisha Kristo ibihe byawe byose. Biriya itereka imico dushobora gukuza bikadufasha kubaho ubuzima bw'umusaruro nk'abakozi ba Yesu. Gukurira muri iyi mico bitwizeza ko tutazajya kure y'urukundo rwa Yesu Kristo. Imana yaduhaye: *"ibintu byose bizana ubugingo no kūbaha Imana, tubuheshejwe no kumenya neza uwaduhamagarishije ubwiza bwe n'ingeso ze nziza." (2 Petero 1:3).* Ishingikirize Mwuka wera kugira ngo aguhindure kandi ukorane nawe ukuza iyi mico buri munsi.

**1. Kwizera.** *"kwizera mukongereho . . ." (2 Petero 1:5).* Kwizera ni umusingi wa kamere kuko kwizera ni ukwiringira Imana n'amasezerano yaguhaye. Ntukemerere ibitekerezo byawe kugira ibitekerezo byo

**2. Ingeso nziza.** *"Kwizera mukongereho ingeso nziza . . ."(2 Petero 1:5).* Ingeso nziza zisobanura ubunyangamugayo budashyikirwa. Ababwiriza butumwa bwiza bagomba kwitararika kandi ntibagakwiye kubonwaho ingeso zo gukunda impiya, ubusambanyi cyangwa gukunda ubuyobozi. (Soma ibisabwa kugirango ube umuyobozi mu by'umwuka muri 1 Timoteyo 3:2-7.) Rwanya icyaha cyose kandi ugandukire Yesu Kristo n'umutima wawe wose. Umuntu w'inyangamugayo ni umuntu wuzuye, nta tandukaniro riri hagati yuko yitwara mu ruhame cyangwa ari wenyine.

**3. Kumenya.** *" . . . ingeso nziza muzongereho kumenya" (2 Petero 1:5).* Yesu yavuzeko tugomba gukunda Imana n'ubwenge bwacu bwose. (Soma Matayo 22:37.) Imana ishaka ko ukura mu mubiri, ubwenge ndetse n'umwuka. Komeza usome

**Kuko imbaraga z'Ubumana zatugabiye ibintu byose bizana ubugingo kubaha Imana tubiheshejwe no kumenya neza uwaduhamagarishije ubwiza bwe n'ingeso ze nziza**
**2 Peter 1:3**

ubaze ibibazo ugire n'inyota Y'ubwenge n'ubumenyi. (Soma Abakolosayi 2:2, 3.)

**Urukundo rw'Imana rwasabye mu mitima yacu ku bw'Umwuka Wera twahawe Abaroma 5:5**

**4. Kwirinda.** *"kumenya mukongero kwirinda" (2 Petero 1:6).* Abantu benshi muri iki gihe bokamwe n'umujinya n'uburakari. Umubwiriza  Butumwa mwiza ni utayoborwa n'uburakari bwe. (Soma 2 Timoteyo 2:24.) Tubifashijweno na mwuka wera dushobora kuyobora amarangamutima n'ibikorwa byacu tukirinda kugira uruhare mu bitekerezo n'ibikorwa bibi. Ndetse ni byifuzo byacu bikwiye kuyoborwa n'Umwuka. Kuba aboroheje nka Yesu Kristo bigaragarira mu kwicisha bugufi.

**5. Kwihangana.** *"Kwirinda mukongereho kwihangana" (2 Petero 1:6).* Akenshi ducika intege hakiri kare, hari nk'umuntu wenda uri gusoma ubu butumwa acitse integer ku bw'umurimo. Ijambo ry'Imana rikujeho rivuga riti: *"Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari" (Abagalatiya 6:9).*Uko urugendo rwakomera kose ntuzigere ureka kwizera. Ugomba kuguma mu isiganwa. (Soma Abaheburayo 12:1– 7.)

**6. Kubaha Imana** *"Kwihangana mukongereho kubaha Imana" (2 Petero 1:6).* Kubaha Imana si ukwibaraho gukiranuka ahubwo ni ugukuza ubuzima bw'Imana muri twe,tuvoma kumbara z'umwuka w'Imana. Aha ubaho ubuzima "buhinduwe" - Yesu ukamuha integer nke zawe akaguha byose bye. Uko uva kwizima ukwamemerera kukuyobora niko uhindurwa ukaba nkawe. (Soma Abaromana 8:28. 29.)

**7. Gukunda bene data.** *"Kubaha Imana mukongereho gukunda bene data" (2 Petero 1:7)*. Imana iduhamagarira kugira ingeso abantu bashonjeye kwakira-ubugwaneza. Kuba wagirira umnutu impuhwe, kuba wabwira umntu ijambo rimusubizamo integer cyangwa kuba wasengera umuntu  mu maso y'Imana icyo gikorwa wita gito nicyo Imana ibona nk'igikomeye uyu munsi. Mu isi y'abantu bihugiyeho ubugwaneza bwawe buzaba ubuhamya bwiza bwa Yesu Kristo.

**8. Urukundo** *"Gukunda bene Data mubyongereho urukundo" (2 Petero 1:7).* Urukundo rugomba kuba imbaraga yemeza abantu mu murimo. (2 Abakorinto 5:14 , 15; Abagalatiya 5:6.) Urukundo niyo neso nziza y'umukristo ikomeye kurusha izindi. Urukundo rwa Kristo ni imwe mu mbuto Imana izakuza muri twe ni twizera. *". . . urukundo rw'Imana rwasabye mu mitima yacu ku bw'umwuka wera." (Abaromana 5:5).* (Soma Abagalatiya 5:22, 23.)

**KUZIRIKANA:**

*Imana y'amahoro ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu n'umwuka wanyu, n'ubugingo n'umubiri byose birarindwe, bitazabaho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azaza. Ibahamagara ni iyo kwizerwa, no kubikora izabikora. (1 Abatesalonike 5:23, 24).*

**UKURI KW’INGENZI:**

Abayobozi mu murimo bingirakamaro bahora biyubaka mu buryo bw’ingeso nziza. Imana yaduhaye ibyo dukeneye byose binyuze mu mubano wacu ukomeza no gukura dufitanye na Yesu Kristo. (Soma 2 Petero 1:3, 4.)

**IGISUBIZO CYAWE:**

- Aka kanya fata umwanya muto wiyemeze gukuza ziriya ngeso umunani mu buzima bwawe. Emerera Mwuka wera akubyaze imbuto muri wowe zikkwiriye abihannye.

- Iki cyumweru Soma unasengera

muri iki kigishwa usaba Imana

kongera izi ngeso nziza muri wowe.

## Ibisobanuro

# *Kwemerwa ku Mana*

## Soma 2 Timoteyo 2:15

Jim Elliot yari umumisiyoneri wahowe Imana. Yari kumwe n'abandi bamisiyoneri bane b'intwari, Elliot yatanze ubuzima bwe ku bwa Kristo kugira ngo ageze ubutumwa bwiza mu cyaro cya Waodoni muri Ecuador. Jim Elliot afite imyaka 20, mbere yo kurangiza amashuri ye ya kaminuza yavuze ko impamyabumneyi ifite agaciro kuri we ari 'Kwemerwa ku Mana".

Ese ni ayahe masomo umuntu akeneye kwiga kugira ngo umuntu abone iyi mpamyabumenyi? By'umwihariko n'iki wakora kugira ngo wemerwe ku mana mu murimo wayo? Ibi ni bimwe mu bisabwa kugira ngo ubone "impamyabumenyi yo kwemerwa n'Imana."

**1. Gusenga.** Ese uri gukura mu busabane bwawe n'Imana? Charles Spurgeon yajyaga abwira abigisha bato yigishaga ko umutungo wabo ukomeye ari ukumenyerana n'intebe y'Imana y'imbabazi." Yesu yigishije ko tugomba guhora dusenga, kandi ko isengesho riturinda gucogora no kunamurwa mu murimo. (Soma Luka 18:1.)

Aya ni "amahugurwa" mato yo kongera imbaraga mu buzima bwawe bwo gusenga:

- *Sengana kwiyemeza*. Intumwa zari zizfite amasaha ahoraho ziyemeje gusenga.Tugomba natwe kugira amasaha ahoraho yo gusenga. (Soma Ibyakozwe n'intumwa 3:1.)

- *Sengana umwete*. Gordon Lindsay yizeraga ko umukristo yagakwiye gusenga isengesho ry'imbaraga rimwe ku munsi.(Soma Yakobo 5:16; Matayo 11:12.)

- *Sengana intumbero*. (Soma Matayo 16:19.)

- *Sengana n'abandi bizera*. (Soma Ibyakozwe n'intumwa 4:24.)

**Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe Luka 18:1**

- *Senga uhozaho* kugeza ubonye ibisubizo. (Soma Luka 11:9.)

- *Sengana* gushira amanga (Soma Abaheburayo 4:16.)

- *Sengana* kwizera ko Imana izagusubiza (Soma 1 Yohana 5:14, 15.)

**2. Impuhwe.** Urukundo ni ingenzi mu murimo ufite akamaro. Umubwiriza butumwa muto mu cyitwa Ingabo z’agakiza yandikiye umuyobozi we William Booth avuga ko ibyo agerageza byose mu murimo bitemera, umuyobozi Booth amusubiza ati gerazgeza n’amarira. (Soma Zaburi 126:5, 6; Abagalatiya 5:6.)

**3. Inzozi.** Sindabonaho umuntu winjiranye inzozi nto mu murimo. Ariko nabonye benshi bawusohokanamo inzozi nto. Umwanzi akoresha amakuba n’urucantege kurwanya ibyiringiro byabo. Bikarangira babonye ko inzozi zabo ko Atari iz’Imana ahubwo ari iz’abantu. Ndababwira neza ko mugomba kurinda inzozi Imana yabahaye! Inzozi zacu za mbere zigomba kuba ari iz’Imana hamwe n’izumurimo wayo . (Soma Imigani 29:18.)

**4. Kwizera.** William Carey, umumisiyoneri mu buhinde yaravuze ati, “nugerageza gukorera Imana ibintu bikomeye, witege ko nayo izagukorera ibikomeye.” Abayobozi mu murimo bifitemo kwizrea gukomeye. Kwizera n ink’imikaya: uko ukoresha kwizera kwawe cyane niko gukura. Nudakoresha kwizera kwawe kuzacika intege. (Soma Abaheburayo 11:6.)

**5. Kwicisha bugufi.** Umwiga umwe w’ijambo ry’Imana yigegze kuvuga ati: “numenya igiheburayo, ukamenya ikilatini ndetse n’ikigereki, ntuzabe nk’abishe Yesu ngo ubimushyire ku mutwe ahubwo uzafate ubwo bwenge bw’igiheburayo, n’ikilatini n’ikigereki ubiture ku birenge bya Yesu.” Kwicisha bugufi imbere y’Imana bigira umumaro mwiza ku buging bwacu. (Soma 1 Petero 5:5, 6.)

**6. Gukora.** Dore ukuri gukomeye mu murimo: Nta mirimo uko yangana kose yasimbura gusigwa amavuta n’umwuka wera.Ariko na none nta gusigwa amavuta kwasimbura gukorana umurimo umwete. Umwanditsi w’umukristo umwe yarambwiye ati: “Umwuka wera ntiwandika.” Ahubwo atanga ihishurirwa, ariko kugira ngo ibintu bikorwe mu bwami bw’Imana tugomba kubibiria icyuya! (Soma 2 Abakorinto 6:4 –10; 12:15.)

**KUZIRIKANA:**

*Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri. (2 Timoteyo 2:15).*

**UKURI KW’INGENZI:**

Tugomba kugira umwete wo kwishyira Imana nk’abashimwa ndetse tukitangira gukora ibishimisha Imana kandi yemera

**IGISUBIZO CYAWE:**

- Ese wakoze ibisabwa kugira ngo ubone impamyabumenyi yo kwemerwa ku Mana?
- Tegura icyigisho ku kwemerwa ku ku Mana usangize abandi uku kuri.

## Ibisobanuro

# *Guhamagarwa no Kumaramaza*

## Soma: Abakolosayi 4:17

Bimwe mu byishimo bikomeye mu buzima byari kwigisha ku munsi w'irobanurwa ry'umuhungu wacu, Jonathan. Izi ni zimwe mu nama nagiriye umuhungu wanjye nk'umubwriza butumwa namwe nizo ngiye kubagira.

**1. Horana inzozi zigaragara.** Hora wiyibutsa inzozi zawe. Uzahore uri umwiringirwa mu muhamagaro w'Imana mu buzima bwawe. Uhore wibuka ko umuhamagaro wawe ariko gusigwa amavuta kwawe. Imana izaguha amavuta adasanzwe ku bw'umuhamagaro wawe. Nuguma mu muhamagaro uzagumana amavuta mu murimo; ariko nuva mu muhamagaro wawe uzisanga wenyine. Nyuma y'imyaka makumyabiri Pawulo yitabye guhamagarwa kwe, Paul yahaye umwami w'umupagani ubuhamya bw'uko yari umwiringirwa w'umuhamagaro Imana yamuhaye. (Soma Ibyakozwe n'Intumwa 26:13 – 23.

**2. Horana umutimanama utagucira urubanza.** Reka ngusezeranye ikintu kimwe nubwo Atari kiza bwose: Muri uyu murimo ntihazabura umuntu ugukomeretsa. Amagambo mabi azakuvugwaho kandi bazakurwanya banarwanye ibyo ushaka gukorera Imana. Ntuzaterwe umutima usharira n'aba bantu. Ntuzirwanirire. Uahorane umutimanama utagucira urubanza imere ya bantu n'Imana. (Soma Ibyakozwe n'intumwa 24:16)

**Muzabwire Arukupito Muti: "ujye urinda umurimo wo kugabura iby'Imana wahawe ku bw'umwami wacu, uwusohoze. Abakolosayi 4:17**

**3. Hagarara uhamye mu byanditswe**. Mu bihe byawe bikomeye amasezerano Imana itanga niyo azagukomeza. Soma ubuhamya bwa Willian Carey mu bihe bikomeye by' mirimo yakoreye mu buginde:

*"Mva mu Bwongereza ibyiringiro byanjye byuko Ubuhinde bwakizwa byari byinshi, ndetse byari no gushira iyo Imana itankomeza. Mfite Imana kandi ijambo ryayo ni ukuri.*

*Mfite Imana kandi ijambo ryayo ni ukuri. Nubwo imbaraga z'abatizera zari zikomeye n'ingero z'abanyaburaya zikomeye kurusha. Nubwo naretswe na bose nkarwanywa na bose, kwizera kwanjye kwakomeye kw'ijambo ko rizajya hejuru ya byose kandi ubushake bw'Imana buzaganza. (Byanditswe na John Piper mu gitabo "Ubugenga bw'Imana mu bumisiyoneri Binyuze mu kuramya" mu Isi yose 2001)*

**Kandi ntimugasinde inzoga zirimo ubukubaganyi ahubwo mwuzure umwuka Abefeso 5:18**

**4. Komeza uyoborwe na Mwuka wera.** Emerera Imana ikore iyo yo yonyine ishoboe gukora. Ba mu buzima Bob Pierce yise "Icyumba cy'Imana. Yasobanuye icyumba cy'Imana nk'umwanya uri hagati y'ibyo dushoboye gukora nk'abantu n'ibyo Imana ishaka gukora twe tubona nk'ibidashoboka." (Soma Abefeso 3:20, 21; 5:18.)

**5. Komeza umurimo no mugihe cy'amakimbirane.** Amakimbirane mu murimo ntiyabura kuko mwahamagariwe kugira ibyo muhindura mu bwami bw'Imana. Nuba umwizerwa Imana izakugororera. (Soma 1 Petero 5:1–4.) Ibyo twita kuba umwizerwa mu muhamagaro cyera byitwaga "igiciro ngomba kwishyura", Charles Wesley yanditse umuvugo uvuga ku kuba umwizerwa mu muhamagaro mu buzima:

> *Igiciro ngomba kwishyura , Kristo ngomba guhimbaza, Uwatanze umwana we ngo ankirize ubugingo, Ngo nkore umurimo muri iki gihe ngo nuzuze umuhamagaro wanjye Icyampa imbaraga zanjye zikaba izo gukora ubushake bwa Databuja. Mfasha kuguhanga amaso no gusenga nishingikirije wowe gusa., Undinde kuzihakana izina ryawe na rimwe. Nyagasani mpa ifuhe ry'umurimo wawe mu maso hawe.*

**6. Iyegurire Umugaba wawe.** Mbere yuko Yosuwa yahawe inshingano zo kuyobora ingabo z'Imana mu rugamba, yeretswe ko Umugaba w'ingabo z'Imana ari umwe kandi ko Atari we. (Soma Yosuwa 5:13–15.) Ntuzigere wibagirwa nyir'umurimo. Itorero n'irya Kristo nta bwo ari ryawe. Urugamba ni urwe si urwawe. Kunesha n'ibye si ibyawe. Icyubahiro ni icye si icyawe

Ibisobanuro

Steve Fry yanditse iyi ndirimbo ati:

*Niyeguriye umugaba wa majuru, Nzamugandukira kugeza isi ibaye ubwami bwe.*

7. **Kunda Yesu urukundo rumaramaje.** Ni gute waguma uri umwizerwa mu murimo buri mwaka? Ni gute wakwirinda ko umurimo utaba akamenyero? Igisubizo kiruta ibindi ni uko wakomeza gukunda Yesu nkaho ari bwo ukimumenya. Mukunde cyane kurushaho iri joro kurusha uko wamukundaga iki gitondo. Kandi uzamukunde cyane kurushaho igitondo gikurikira kurusha uko wamukundaga iri joro ujya kuryama.

Mu gusoza,
Gumana na Yesu,
Gumana n'umugore
wawe, Ugume ku
musaraba,
Ugume mu muhamagaro ukomeye.

## KUZIRIKANA:

*Ikibitsanyo cyiza wabikijwe, ukirindishe Umwuka Wera utubamo. (2 Timoteyo 1:14).*

## UKURI KW'INGENZI:

Tugomba kuba abizerwa mu muhamagaro w'ubuzima bwacu Imana iduha.

## IGISUBIZO CYAWE:

- Pawulo yasobanuriye umwami w'umupagani umuhamagaro we mu nteruro imwe, ese ushobora kuba nawe wasobanurira abizera n'abatizera umuhamagaro wawe?

- Tegura ubutumwa bwo kurobanura usangize abandi uku kuri.

# *Gutoneshwa*

## Soma: 2 Ngoma 16:9; Luka 1:28– 30

Nta kintu cy’ingenzi cyateza imbere umurimo cyarute kugira igikundiro ku Mana. Nubwo ababyawe ubwa twese tuba munsi y’ubuntu bw’Imana hariho abantu bamwe birengaho bagatoneshwa. Abo batoneshwa nibo baba ibikoresho by'Imana mu gusohoza umugambi wayo mu bihe byabo. Ese ni gute waba umutoni ku Mana?

Imana ikomeza kureba ku isi ishakisha umuntu w’ingeso runaka, umuntu ufite *“umutima Uyitunganiye”* Imana izarwanirira kandi ibe mu ruhande rw’uyu muja wayo ufite umutima uyituganiye. (Soma na none 2 Ngoma 16:9.)

Bibiliya ivuga ko Yesu yavutse “mu gihe gikwiriye” (Soma Abagalatiya 4:4.) Mu gihe cya Mariya nko mu bindi bihe byose Imana yashatse umuntu yagira igikoresho cyayo ngo isohoze umugambi wayo. Igihe kigeze ngo Umwana w’Imana aze mu isi, amaso y’Umwiteka ahuta kureba isi yose impande zose ngo ibone uwo yagira igikoresho cyayo, ngo imutoneshe kandi imunyuzemo ubushake bwayo. Uwo muntu imubona mu mukobwa muto w’isugi Mariya.

Ese ni iki Mariya yari afite cyashimishije umutima w’Imana? Ese kuki uyu mwangavu yahawe umukoro ukomeye kurusha indi mu mateka? Tubashije kumenya ibyo Imana yabonye mu mutima wa Mariya byatumye “imutonesha,” natwe twarushaho gutonesha Imana ikadukoresha iby’umugambi wayo mu gihe cyacu.

Dushobora gukuza izi ngeso nziza mu mitima yacu, kugira ngo tugire igikundiro imbere yImana ibashe kudukoresha iby’umugambi wayo mu gihe cyacu.Ese ni izihe ngeso z’umutima Mariya yari afite zamuzaniye igikundiro cy’Imana?

**Umuntu mwiza azabona ihirwe k’Uwiteka Imigani 12:2**

1. **Umutima uboneye.** (Soma Luka 1:27.) Mariya yari isugi kandi yari yarasabwe. Yari mu rukundo n'umugabo witwa Yozefu. Nubwo yakundaga Yozefu, yakundaga Imana kurushaho, yari aboneye imbere y'Imana. (Soma Matayo 5:8.) Yari yariyemeje kuba igikoresho cyubahisha Imana. (Soma 2 Timoteyo 2:21.) Amateka yawe y'ahahise uyu munsi ushobora guhitamo kugira umutima uboneye Imana ukakira igikundiro cyayo. (Soma Yesaya 1:18.)

2. **Umutima utinyuka.** Mariya yemeye kwishyira mu kaga ku bw'Imana. Marayika w'Imana amaze kubonekera Mariya, yasobanukiwe ingaruka z'ibyo yasabwagaga. Ntiyashidikanyije asubiza agira ati: "Dore ndi umuja w'Umwami Imana, bimbere uko uvuze" (Luka 1:38). Ikingenzi kuri Mariya si uko yari yarasabwe na Yozefu ahubwo ni uko yari umuja w'Imana. Yari azi ko Yozefu Atari kubyumva neza. Ashyira mu kaga gusabwa kwe ndetse n'izina rye. Kuko yari yiteguye guha Imana icya gaciro kurusha ibindi muri we. Ese wowe witeguye guha Imana icy'agaciro kurusha ibindi muri wowe?

3. **Umutima wuzuye Kwizera.** Kwizera byari ibintu bisanzwe kuri Mariya kuko Elizabeti amusuhuza yamuhesheje umugisha kubwo kwizera kwe.(Soma Luka 1:45.) Nta bwo Mariya yari afite kwizera gukomeye gusa ahubwo yari afite kwizera kwamuhaga kwiringira ibintu bitari byakabaho mu mateka y'isi. Ntibyari byakabaho ko umukobwa utarabonanye n'umugabo yabyara ariko Mariya yarabyemeye aranabyizera. Imana irashsaka abagore n'abagabo bizera ibintu bitarabaho na rimwe. Nta na rimwe itorero ryari ryasohoza inshingano ziremereye. Rero na none Imana irashaka umuntu uzavuga yego kandi akizera.

4. **Umutima uramya.** Imana imaze gukora igitangaza mu buzima bwe, Mariya yituye Imana ayisaba kuzuza amashimwe umutima na kanwa ke. Mariya yaririmbiye Imana indirimbo yo kuyiramya no kuyihimbaza (Magnificat). (Soma Luka 1:46–55.) Mu myaka micye ishize kugeza n'ubu Mwuka wera arigusunikira itorero mu buryo bushya bwo kuramya. Reka umutima wawe wuzuzwe no gusingiza Imana.(Soma Zaburi 96.)

5. **Umutima wuzuye Ijambo.** Indirmbo ikomeye Mariya yahimbiye Imana igizwe n'ibyanditswe byamufashaga yahuje akoramo indirimbo yahimbiye Imana. Ibi byanditswe yakoresheje twabisanga mu Itangiriro, 1 Samweli, Zaburi na Yesaya. Mu bigaragara Mariya yari amenyereye ibyanditswe byari bugufi bwe. Imana irashaka abantu bazi kandi banubaha ijambo ryayo. (Soma Yosuwa 1:8; 2 Timoteyo 3:16, 17.)

6. **Umutima wuzuye ibyiringiro.** Mariya yemeye guhara icyubahiro cye mu gihe cye kugirango ashyireho umuyoboro w'umwuka kubazaza mu bihe bizaza. Nubwo abo mu gihe cye batabyumvaga abo mu bihe byakuriyeho kugeza n'ubu

Mariya ni umuntu ukomeye. Yarebye kure abonako mu bihe bizaza azitwa umunyamugisha. (Soma Luka 1:48.) Uyu munsi Imana irashaka abantu bahara icyubahiro cyabo bakamaramaza mu gukurikira Yesu bubakira umurage mwiza aba hazaza.

7. **Umutima utsinzwe** Reka twihutishe inkuru mu myaka mirongo itatu ubwo Yesu yatangiraga umurimo mu bukwe bw'I Kana. Divayi imaze gushira Mariya yabwirije abaja ubutumwa bukomeye kurusha ubundi, *"Icyo ababwira cyose mugikore" (Yohana 2:5).*

### KUZIRIKANA:

*Kandi amaso y'Uwiteka ahuta kureba isi yose impande zose, kugira ngo yerekane ko ari umunyamaboko wo kurengera abafite imitima imutunganiye (2 Ngoma 16:9).*

### UKURI KW'INGENZI:

Imana iri gushaka ku isi umuntu yatonesha ikamugira igikoresho cy'ubushake bwayo. Umuntu Imana ishaka agomba kuba afite umutima uyitunganiye kandi afite ingeso nziza z'umutima nka Mariya.

### IGISUBIZO CYAWE:

- Ese nawe uri gukuza izi ngeso nziza mu mutima wawe?
- Ese ku giti cyawe Imana yakubwiye gukora iki? *"Icyo ababwira cyose mugikore" (Yohan 2:5).*

**Ibisobanuro**

IGITABO CY'UBUZIMA

# *Nk'uko Umutima w'Imana Ushaka*

## Soma: 1 Samweli 13:14

Dawidi yari umuyobozi udatunganye ariko yabaye umwami ukomeye kurusha abandi muri Isirayeri. Nubwo ubuzima bwe bwaranzwe n'ibayah bikomeye yibukwa nk'umuntu wari ufite *"umutima umeze nkuko Imana yabyifuzaga."* Ni gute umugabo w'umunyantege nke  nk'uyu agira izina rikomeye gutya?

Byinsi ku gisubizo bituruka ku gaciro gakomeye Dawidi yahaga umubano we n'Imana. Nyuma yuko Natani amuhishuriye icyaha cye Dawidi yihutiye kwemera icyaha cye. Ikintu yatinyaga kurusha ibindi byari kuba yatakaza imishyikirano ye ya hafi yagiraga n'Imana kuva akiri muto. (Soma Zaburi 51:11.) Dawidi yabonye ko yacumuye ku rushako rwe,acumura ku muryango, incuti ndetse n'igihugu ariko byumwihariko yari yacumuye ku Mana. (Soma Zaburi 51:4.)

Dawidi yakumbuye ubusabane bwuzuye n'Imana. Yibuka iminsi ye yak era akiri umushumba ubwo yajyaga ahimbira Imana indrimbo z'urukundo.

Aho niho hari urufunguzo rwo gukomera kwa Dawidi. Ubuzima bwe bwarangwaga no guha Imana amaturo. Zaburi nyinshi zigaragaza ubusabane bueryoshye Dawidi yagiranaga na Se wo mu ijuru.  Uko Dawidi yitaga ku ntama za Se niko yiteguriraga umutima we ubuyobozi awuzuza amashimwe no kuramya. *"Kandi itoranya Dawidi umugaragu wayo,imukura mu ngo z'intama . . . kugira ngo aragire Abayakobo ubwoko bwayo,abisirayeli umwandu wayo. Nuko abaragirisha umutima utunganye, abayoboza ubwenge bw'amaboko ye." (Zaburi 78:70 – 72).*

**Sinabasha gutambira Uwiteka Imana yanjye ibitambo byoswa ntabitanzeho ibyanjye**
**2 Samweli 24:24**

**1. Dawidi yahaga Imana amaturo n'umutima uciye bugufi.** (Soma Zaburi 51:17.) Tugomba guhora twibuka ko twishingikirije Imana.  Yesu yibukije intumwa ze ati, *"kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite" (Yohana 15:5).*

Tudafite umwuka wa Kristo muri twe ntitwakora ikintu na kimwe gifite umumaro uhoraho. Kumenekera Imana bitanga ubushobozi bukomeye mu murimo. Tugomba gusaba Imana imitima imenetse ku bw'ibyaha byacu ndetse n'ukwigomeka kw'isi Ku Mana

**Imukuyeho ibahagurukiriza Dawidi,iramwimika Iramuhamya iti:mbonye Dawidi mwene Yesayi Umuntu umeze nk'uko umutima wanjye ushaka Azakora ibyo nshaka byose. Ibyakozwe n'Intumwa 13:22**

**2. Amaturo ya Dawidi yari afite igiciro kinini**.
Urugero rumwe n'ubwo ingabo za Dawidi zamuzaniye amazi mu buryo butoroshye, ziyakuye ku iriba ry'I Beteli, aho kuyanywa akayasuka ku gitambo cy'Uwiteka (Soma 1 Ngoma 11:15 –19; 2 Samweli 23:15 –17.) Byari bigoranye cyane kubona ayo mazi kubera umwanzi. Kandi na none Dawidi yarakeneye cyane amazi cyane kandi yari no kuyanywa ngo ashimire umurava w'ingabo ze. Ariko icyo ni cyo cyari gitangaje ku mutima wa Dawidi, amazi yarafitiye uburenganzira kunywa, amazi yarakeneye kunywa, amazi yari ay'agaciro gakomeye kuri we ahitamo kuyatanga nk'igitambo k'Uwiteka.Dawidi ntiyajyaga atanga ibitambo by'igiciro gito; yahaga Imana ibyari bimufitiye agaciro

Ibi birongera bikagaragarira muri 2 Samweli ubwo Dawidi yacumuraga akabara ubwoko bw'Imana, asuzugura itegeko ry'Imana. Imana yashakaga ko ubwoko bw'Isirayeli bwiringira Imana kurusha kwiringira ubwinshi bw'abantu. Kubera kutumvira Imana urubanza rwaje ku bisirayeli.

Dawidi yari afite ibicumuro byinsi ariko yibukwa nk'umuntu wari umeze nkuko umutima w'Imana ushaka. (Soma Ibyakozwe n'Intumwa 13:22.) Impamvu imwe afite ibigwi nk'ibi nuko Dawidi yarafite ubwitange mu gutambira Imana ibitambo bifite igiciro kinini. Nk'umwigisha butumwa umuhamagaro wawe uruta kure umwanya wo kuba umwami nka Dawidi. Ntiwigeze uhitamo umucamanza cyangwa umwubatsi. Niba koko uri umubwiriza butumwa w'ukuri *"ntiwatoranije kuba"* ahubwo warahamagawe. Iki cyubahiro gisaba kwikirizanya urukundo, kwumvira no kwitanga.

Ese ibitambo utambira Imana bifite gaciro ki? Ese uri guha Imana ibitambo wagize icyo utangaho? Itandukaniro riri hagati yo kugera bintu biciriritse no kugera ku bikomeye mu buzima bigengwa n'igiciro cy'ibitambo byawe. Umubwiriza butumwa usanzwe agira ubunebwe bwo gutegura icyigisho; Umubwiriza butumwa w'ingira mumaro ategurira ubugingo bwe mu mumasengesho ndetse n'icyigisho cye mu byanditswe. *"Ahubwo ku kintu cyose twihe agaciro nk'abakozi b'Imana bagabura ibyayo, twihangana cyane mu makuba, mu mibabaro, mu byago, mu biboko, mu mazu y'imbohe, mu midugararo, no mu mihati; tuba maso, twirirwa ubusa, dufite umutima uboneye, dufite ubwenge, tutarambirwa, tugira neza, dufite Umwuka Wera, dufite n'urukundo rutaryarya" (2 Abakorinto 6:4 – 6).*

Igitambo gikomeye twaha Imana n'ukuzana abacunguwe bashya. Pawulo yagiraga inyota yo kuzanira Kristo amahanga, yashakaga kumuzanira abarwanyaga Imana ariko bacunguwe n'imbaraga z'ubutumwa bwiza. Yabonye ko igitambo cy'amahanga ari igitambo cyemerwa n'Imana. (Soma Abaroma 15:16.) Ibwiriza butumwa si umukoro gusa, ahubwo ni n'igikorwa cyo kuramya.

Mbega ukuntu byaba ari iby'igiciro Imana ikwise umuntu uteye nk'uko umutima wayo ushaka. Kwitwa gutya bituruka ku kwitanga gukomeye ku git cyawe. Nk'umwe mubahamagariwe umurimo w'icyubahiro gikomeye cyo kubwiriza ubutumwa bwiza, ndaguhamagarira kwirinda guha Imana ibitambo bidafite umumaro. Tanga ibifite igiciro gikomeye kuri wowe byejejwe na Mwuka wera.

**KUZIRIKANA:**

*Oya, ahubwo ndabigura nawe ntange igiciro cyabyo, sinabasha gutambira Uwiteka Imana yanjye ibitambo byoswa, ntabitanzeho ibyanjye (2 Samweli 24:24)***.**

**UKURI KW'INGENZI:**

Kugira ngo ube umuntu uteye nk'uko umutima w'Imana ushaka ugomba kwimenyereza ubuzima bwo guha Imana ibifite agaciro gakomeye mu buzima bwawe kugira ngo biramye Uwiteka.

**IGISUBIZO CYAWE:**

- Ese uharanira kuba umuntu uteye nk'uku umutima w'Imana ushaka?
- Ese ni ikihe kintu gifite agaciro gakomeye kuri wowe "*waha Imana nk'igitambo?"*

## Ibisobanuro

# *Ubuzima Bwitandukanyije*

## Soma: Yeremiya 15:19; Abaroma 1:1; Abagalatiya 2:20

Umwigisha umwe ukomeye yaramaze kwigisha icyigisho gifite imbara abantu bari gukizwa, Umwiga wa Bibiliya muto umwe aramwegera aramubwira ati, *"Natanga iby'isi byose kugira ngo nanjye nshobore kwigisha nkawe."* Uwo mwigisha aramureba aramubwira ati: "*mwana wanjye nanjye natanze iby'isi byose ngo nshobore kwigisha gutya."*

Ese urumva washobora kwiyiriza abandi bishimisha? Ese urumva washobora kubyuka, kurara ijoro, gusenga igihe kirekire, gukorana umwete — kugira ngo Imana yiheshe icyubahiro mu buzima n'umurimo wawe? Henry Wadsworth yaranditse ati:

*Kure abagabo bakomeye bageze*
*Ntibahageze ku bw'amahirwe, ahubwo*
*Bahagejejwe n'umuruho w'amajoro*
*ubwo abandi babaga basinziriye.*

**1. Ubuzima bwitandukanije butangirana no kwitandukanya n'icyaha no kwiyegereza Imana n'ubushake bwayo**. Igihe cyose Mwuka wera aduhishuriye ijambo cyangwa igikorwa kitubahisha tugomba guhita tucyihana. (Soma 1 Yohana 1:9.) Agendeye kuri uyu murongo, Bill Bright yakuyemo icyigisho gikomeye yise *"guhumeka mu mwuka."* Dusohora umwuka iyo twemeye ibyaha byacu.

Bituruka ku ijambo ryiki Giriki risobanura *"kwemeranya"*. Iyo tweranije n'Imana ku byo Ivuga ku byaha byacu kandi tukemeranya nayo ko nta mwanya ibyaha byacu bigifite mu buzima bwacu kandi koko tukitandukanya n'icyo cyaha Imana itwemerera kutweza. Twinjiza umwuka iyo twemeye amasezerano y'Imana yo kutubabarira kandi tukayisaba kutwuzuza umwuka wayo wera

**Ariko nitwatura ibyaha byacu ni yo yokwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose 1 Yohana 1:9**

Muri ubu buryo tugumana ubusabane bwuzuye n'Imana. Maze kugerageza *"guhumeka mu mwuka"* igihe kirekire, akenshi hari n'igihe mbikora kenshi mu munsi 1, igihe cyose Umwuka anyemeje icyaha ndabikora.

**Kandi icyo muzavuga cyose n'ibyo muzakora, mujye mubikora mu izina ry'Umwami Yesu, mushima Data wa twese ku bw'uwo Abakolosayi 3:17**

**2. Tugomba kuba maso tugahora mu bubyutse ku giti cyacu.** Tutitaye ku kirere cy'um wuka gihari birashoboka ko ubugingo bwawe bwahora butunganye imbere y'Imana! Ariko hari ibisabwa kugira ngo ugire ububyutse ku giti cyawe. Mu myaka ijana ishize mu gihuhu cya Wales, Evan Robert yashyize ahagaragara ibisabwa Ngo habeho ububyutse, ibi bisabwa biracyakurikizwa N'uyu munsi:

• Kwitandukanya n'icyaha n'igisa na cyo.

• Gushidikanya kose kugomba gutambirwa ubutungane

• Kumvira no kubaha ijwi ry'Umwuka wera.

• Guhamya Yesu imbere y'abantu bose.

**3. Shaka umuntu wizera mu murimo mujye muhwiturana kuko n'intwaro ikomeye kugira ngo ubashe kubaho ubuzima butnganye.** Hashize imyaka kabiri mu kwezi mpura n'incuti mu murimo nk'iyi. Buri gihe iyo duhuye tubazanya ibibazo bikomeye, tugahwiturana muri uru rugendo na Kristo. Ibibazo tubazanya bigendera ku butumwa bwanditswe na by Charles Swindoll.

Ubushize duhura twabazanyije ibi . . .

• Ese waba waragiranye ibihe n'Imana ku giti cyawe?

• Hari ibintu bidasobanutse bijyanye n'amafaranga wivanzemo?

• Hari ubwo waba warabonanye n'umugore mu buryo wowe cyangwa abandi bakwita budasobanutse?

• Waba waragerageje gushaka cyangwa kureba amashusho y'urukoza soni?

• Ese wavuga ko urushako rwawe rumeze neza cyangwa nabi?

• Waba warabaye umwizerwa mu muhamagaro wawe?

• Hari ubwo waba umaze kubeshya muri ibi?

Ndaguhamagarira gushaka incuti wizera mu murimo mukajya muhwiturana kandi mu gaterana ingabo mu bitugu mushishikara mu murimo.

4. **Ingeso ikomeye watera mu buzima bwawe n’iyo kugirana ibihe n’Imana ku giti cyawe**. Stephen Olford atwibutsa ko, “Kugirana ibihe n’Imana Atari impamvu yo gukurikiza amategeko y’Imana ahubwo ari impamvu yo kuba abiringirwa ku Mana.” Dr. Olford adusaba ko muri ibi bihe byo gusenga no gusoma ijambo, tugomba gukurikiza ibi:

• Ibitekerezo byacu bigomba kuyoborwa n’ijambo ry’Imana. (Soma Abakolosayi 3:16.)

• Imitima yacu igakoreshwa n’Umwuka w’Imana. (Soma Abefeso 5:18.)

• Ubushake bwacu bugakorera guhesha Imana icyubahiro. (Soma Abakolosayi 3:17.)

Ndaguhamagarira uyu munsi kubaho ubuzima bwitandukanije, bwitandukanije kubera Yesu Kristo, kubera umuryango wawe ndetse n’umuhamagaro wawe. Icyigisho ku wa 27 Ukuboza mu musomyi wa Oswald Chambers,witwa *“Umumaro wanjye ukomeye ku bw’uwo hejuru*, Chambers yaritegereje abona ko, “buri gihe . . . Imana idushyira ku ndunduro, aha niho ubuzima bwitandukanya mo kabiri; aha niho duhitamo kubaho ubuzima bw’umumaro mucye nk’abakristo, cyangwa tukabaho nk’abakongerejwe guhesha Imana icyubahiro — Umumaro wanjye ukomeye ku bwa we uri *hejuru ukomeye.”*

**KUZIRIKANA:**
*Nababambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira (Abagalatiya 2:20).*

**UKURI KW'INGENZI:**

Tugomba kwitandukanya n'icyaha tukiyegereza Imana n'ubushake bwayo.

**IGISUBIZO CYAWE:**

• Ese waba warihannye ibyaha byawe byose ku Mana?

• Ese waba ufite incuti mu murimo muhwiturana?

• Ese uziyemeza kubaho ubuzima bwitandukanije?

## Ibisobanuro

IGITABO CY'UBUZIMA

# *Umurinzi w'Ubugingo*

## Soma: Imigani 22:4; Mika 6:8; Ibyakozwe n'Intumwa 20:18 – 21; 1 Petero 5:5, 6

Umumisiyoneri umwe u bushinwa witwaga, Hudson Taylor, yigeze kwakirwa ku gatuti uwamwakiriye amwita *"umutumirwa ukomeye"* Taylor ageze ku gatuti aravuga ati, *"Nshuti zanjye, nd'umugaragu muto wa databuja mukuru."*

Andrew Murray yari umwigisha wa Bibiriya uzwi. Ibitabo bye biracyaboneka kandi buri kimwe n'umutungo ukomeye wo kugaburira ubugingo. Mu gatabo ke yise *"Kwicisha bugufi",* Murray yaranditse ati *"kwicisha bugufi bibyara ingeso nziza kandi ni umurinzi w'ubugingo."* Murray yizeraga ko kwicisha bugufi ari ingeso nziza ibyara izindi ngeso. Kandi yizeraga ko umurinzi ukomeye w'ubugingo bwacu ari umutima uciye bugufi.

Nubwo kwihanirana kuri bene data ari ingenzi, umurinzi ukomeye w'ubugingo bwacu ni ukwicisha bugufi umunsi ku wundi imbere y'Uwiteka. Tugomba kumenekera Imana, tukemera ko tuyishingikirije kuri byose. Kumenekera Imana ni ingenzi mu mu murimo.

(Soma Zaburi 51:17)

**1. Gira umutima uciriye Imana bugufi buri munsi.**

Birababaje kuba abantu bake aribo bafite Amavuta kandi bakaba banicisha bugufi. Bibiriya itubwira ko kwibona bibanziriza kurimbuka, mu mwuka iyo ushaka gushyirwa Hejuru wicisha bugufi. (Soma  Imigani 16:18.) Yesu asezeranya ibihembo abantu bicisha bugufi imbere y'Uwiteka. *"Hahirwa abakene mu mitima yabo kuko Ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo (Matayo5:3).* Kuba umukene ku mutima bivuze kwishingikiriza ku Mana ijana ku ijana. Umenye ko atari byo ko dusenga ngo Imana iducishe bugufi

**Ibitambo Imana ishima ni umutima umenetse. Umutima ushenjaguwe Mana ntuzawusuzugura. Zaburi 51:17**

**2. Agura umubano wawe wihariye n'Imana.** Ndakwizeza yuko imbere Goliyati agutegereje, hari igihangange imbere ugomba guhangana nacyo. Igihangange cyo kurwanywa kiteguye kukurimbura, kandi kikakurimburira mu ruhame. Ese wifitiye icyizere ki ko uzatsinda kuri uwo munsi wo guhangana Umusore muto yabwiye umwami Sawuli impamvu yari gutuma atsinda Goliyati: *"Uwiteka wand okoye mu nzara z'intare nidubu, azankiza no mu maboko y'uwo Mufilisitiya."(1 Samweli 17:37.)* Uku si ukwishyira hejuru kwa gisore ahubwo n'icyizere Cyaturukaga mu gutsindishirizwa n'Imana mu bihe byihariye yagiranaga nayo. Dawidi yarafitanye n'Imana amateka yihariye bimuha icyizere cy'intsinzi ageragerejwe mu ruhame. Nubasha gutsinda intare y'irari n'idubu ryo kutizera uri wenyine ntawe ukureba, uzigirira icyizere cyo gutsinda Goliyati wawe uri ahazaza mu ruhame.

**Uwiteka wandokoye mu nzara z'idubu n'intare, azankiza no mu maboko y'uwo mufilisitiya**
**1 Samweli 17:37**

**3. Menya uwo uri we muri Yesu Kristo.** Hari itandukaniro hagati yo kwiyemera nk'umuntu utazi Imana no kwigirira icyizere nk'umuntu wamenye uwo ari we muri Kristo Yesu. Kwiyemera tubonana ababwiriza butumwa benshi n'uburyo bwo guhisha kwiyumvamo umutekano muke. Ibi bikaba bituruka ku mpamvu zo kudasobanukirwa agaciro dufite nk'abizera Yesu Kristo. Turi ugukiranuka kw'Imana muri Yesu Kristo. Kuko turi muri Kristo, turi abana b'Imana. Kuko turi muri Krisot turi abambasaderi be. (Soma 2 Abakorinto 5:17–21; Abefeso 4:1–3; Abafilipi 1:11.) Tugomba kwambara kwicisha bugufi ariko tukagendera mu gaciro kabo turi muri Yesu Kristo. Mu yandi magambo tugomba kuba nka Yesu Kristo. Tugomba kwicisha bugufi nkuko yicishije bugufi. (Soma Abafilipi 2:5 –11.)

**4. Iby'ubwami bw'ijuru bifungukira ab'imitima iciye bugufi.** Yesu yigishije ko abagwa neza bazahabwa isi. (Soma Matayo 5:5.) Kugwa neza ntibivuze kuba umunya ntege nke, ahubwo ni ukugira intege ukamenya no kuzitegeka. Umuntu ugwa neza amenya ko nta mbaraga yifitemo ariko afite imbaraga mu Mana. Reka iri ribe isengesho ryawe: *"Nta mbaraga dufite zarwanya izo ngabo nyinshi ziduteye, kandi tubuze uko twagira ariko ni wowe duhanze amaso" (2 Ngoma 20:12).*

Phillips Brooks yaravuze ati, "Ntuzigere wemera kumva ko ungana n'akazi kawe. Nitwishyira hejuru Imana izaturwanya ubwayo. Nitwicisha bugufi imbere y'Imana tuzigirira icyizere imbere y'abantu kandi Izadushyira hejuru mu gihe gikwiriye. Niba dushaka kuba abayobozi bameze nkuko umutima w'Imana ushaka tugomba guhora twibuka ko: *"'Imana irwanya abishyira hejuru ariko igaha Ubuntu bwayo abicisha bugufi.' Rero mwicishe bugufi imbere y'Imana, kugira ngo izabashyire hejuru mu gihe gikwiriye" (1 Petero. 5:5, 6).*

## Ibisobanuro

### KUZIRIKANA:

*Mwese mukenyere kwicisha bugufi kugira ngo mukorerane, kuko Imana irwanya abibone naho abicisha bugufi ikabahera ubuntu. 6 Nuko mwicishe bugufi muri munsi y'ukuboko gukomeye kw'Imana, kugira ngo ibashyire hejuru mu gihe gikwiriye. (1 Petero 5:5, 6).*

### UKURI KW'INGENZI:

Menya uwo uri we muri Kristo Yesu, wicishe bugufi imbere y'Imana buri munsi, uturize mu cyizere ko Imana izagushyira hejuru mu gihe gikwiriye.

### IGISUBIZO CYAWE:

• Tekereza ku itandukaniro riri hagati yo kwishyira hejuru no kwigirira icyizere kubera kumenya uwo uriwe muri Kristo Yesu.

• Icishe bugufi imbere y'Uwiteka.

• Saba Imana ikugirire Ubuntu bwo kugendera mu kwicisha bugufi.

# *Mbere na mbere korera Umurimo hano!*

## Soma: Abefeso 5:22 – 6:4

Imana ntiduhamagarira gukiza isi ngo hagati aho tuhatakarizemo imiryango yacu. Hanze aha hari icyorezo cy'urushako rutishimye, abana bigometse ku babyeyi ndetse na za gatanya mu babwiriza butumwa ba bakristo. Ni ngombwa ko tubanza kubwiriza imiryango yacu mbere abandi bakaza nyuma.

Ibintu tugomba kugira ingenzi n'ibi: 1) umuban wacu n'Imana, 2) umubano wacu n'abo twashakanye hamwe n'abana, ndetse 3) umurimo Imana yaduhamagariye. Inshingano z'ubuzima zidusunikira kubikurikirana, iyo dushyize umurimo hejuru y'umubano wacu n'Imana n'imiryango yacu ingaruka ziba mbi.

**1. Imana ihamagarira abagabo kuba abayobozi b'umwuka mu ngo zabo**. Ubuzima bwiza mu mwuka by'umuryango n'inshingano zawe. Abagabo bagomba kugaragariza abafasha babo urukundo rwitanga nkurwo Kristo agagariza umugeni we ari ryo torero (Soma Abefeso 5:25.)

**2. Nyuma y'umubano ugirana n'Imana, umubano wawe n'uwo mwashakanye ni wo mubano ukomeye kurusha indi mu buzima bwawe.** Imana ihamagarira abagabo gukunda abafasha babo ndetse bakanakurikirana gukura mu mwuka kwabo. (Soma Abefeso 5:25 – 28.)

**Bagabo mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze Itorero akaryitangira Abefeso 5:25**

**3. Hari intambwe watera mu buzima buri munsi** Buri munsi ni amahirwe yo kubaka urugo rwawe rukaba rwiza cyangwa yo kurusenya. Nkuko umuhinzi ahora yita ku murima we ni nako nawe ugomba guhora wita Ku rugo rwawe. Dore ibintu bine byoroshye wakora kugira ngo urugo rwawe rukomere

- Sengana n'umugore wawe buri munsi
  Mubwire ko umukunda buri munsi
  Gira ikintu umufasha mu mirimo ye
- Gira ikintu kiza umuvugaho buri munsi

**4. Ibyaha by'ubusambanyi bitera ingaruka mbi kurusha ibindi.** Ingaruka zo bwiyandarike bw'umwigisha butumwa zigera kure kuko zikomeretsa kwizera kwa benshi. Imibiri yacu n'insengero z'Umwuka wera. (Soma 1 Abakorinto 6:19, 20.) Nk'abakristo tugomba kuyobora imibiri yacu tukabaho twiyubaha kandi dutunganiye Imana. (Soma 1 Abatesaloniki 4:3 – 8. Aka kanya fata umwanzuro wo kubaho utunganye imbere y'Uwiteka. Tanga umubiri wawe nk'igitambo gishimwa n'Imana ku bw'ubushake bwayo. (Soma Abaroma 12:1, 2.)

**5. Yesu yigishije ko kuva mu byiringirwa bihera mu mutima.** (Soma Matthew 15:19.) Urugamba rwo gukiranuka ruhera mu bitekerezo. Ushobora kurwanya ibitekerezo by'iriari ubisimuza ibitekerezo byubahisha Imana. Ufite ubushobozi bwo kuyobora ibitekerezo byawe. Nuhindura uburyo utekereza uzahindura ubuzima bwawe! (Soma Abafilipi 4:8.) Gukiranirwa bihera mu mutima. Gukiranuka bikomerezwa mu mutima. Subiramo ibyiza by'umugore wawe mu mutima wawe, ushime Imana yamuzanye mu buzima bwawe.

**6. Dore ibyo wakora kugira ngo wirinde kuba wahemukira uwo mwashakanye.** Ni wowe ufite inshingano zo kubaka urukuta hagati yawe no kuba wahemukira urushako rwawe,

• Shyiraho umwanya wawe wihariye n'Imana. Iteremo gusenga no gutekereza ku ijambo ry'Imana ku ijambo wenyine.

• Shaka incuti wizera mujye mwihanirana. Mujye muhura kensi mwihaniranire. Ni ibintu bikomeye kandi byiza kuba wagira incuti mubazanya ibibazo twabonye mu isomo rya 11. Kandi ni n'iby'ingenzi ku muyobozi w'umukristo

• Ntuzemere kuba wakwishyira mu buryo bubangamiye gukiranuka kwawe. Billy Graham agitangira umurimo yiyemeje ko atazigera aba mu cyumba cyangwa mu modoka wenyine n'umugore utari uwe. Ni biba ngombwa ko wisanga wenyine n'umugore utari uwawe (nubwo bitagakwiye), ujye usiga urugi rufunguye ku buryo hari umuntu hafi aho hanze y'urwo rugi.

• Wirinde kwishyira hejuru. Abigisha b'ijambo baguye rimwe mu buzima baba barigeze kwibona bakavuga, "ibi njye ntibyambaho." Horana umutima uciye bugufi imbere y'Imana. Ube maso wirinde ibigeragezo. Ibigeragezo nibiza ujye wibuka ko Imana yaciye akanzu. (Soma Abefeso 6:1; 1 Abakorinto 10:12, 13.

**7. Mwuka wera azaguhesha imbaraga zo kuzuza inshingano nk'umugabo n'umubyeyi u rugo rwawe.** Bibiriya ibwira abagabo gukunda abagore babo nkuko Kristo yakunze itorero akanaryitangira. (Abefeso 5:25).

Kugira urukundo rwitanga nk'uru bishoboka iyo mwuzuye Umwuka wera kandi muyoborwa nawo. Niyo mpamvu Pawulo yatangiye guhugurira abashakanye kuzura umwuka wera. (Soma Abefeso 5:18 – 21.)

**8. Bibiliya igaragaza uko wagarura urukundo aho rwabuze.** Niba urukundo wakundaga umugore wawe rwarakonje, hari uburyo bwo kurukongeza na none. Nubwo itorero rya Efeso ryihanganaga kandi rigakorana umurava, ryari ryararetse urukundo rwabo rwa mbere. (Soma Ibyahishuwe 2:2 –5.) Dore umuti Yesu atanga ngo aho urukundo rwabuze rugaruke:

• Ibuka. Tegeka ibitekerezo byawe gukorera urushako rwawe aho kururwanya. Ibuka imihigo mwahigiranye. Ibuka ibihe byiza mwagiranye. Ibuka ubwiza bw'urukundo rwawe rwa mbere.

• Ihane. Ihane umutima ukonje wagirirraga umufasha wawe. Haranira guhinduka. Mu Kigiriki "kwihana" bisobanura "guhndura ibitekerezo." Hindura ibitekerezo byawe ku rushako rwawe. Rekeraho kwizera ibinyoma bya Satani. Hindura ibitekerezo

byawe bishya ukoresheje Ijambo ry'Imana. Hindura ibitekerezo byawe kandi uhindukire uve ku kintu cyose cyahungabanya urushako rwawe.

• Kora ibyo wakoraga mbere. Ese ni iki wakoraga mugihura? Kora ibyo wakoraga. Ese wamuguriraga indabo? Ese wahoraga umubwira ko umukunda? Ese wamwerekaga amaranga mutima? Tangira uyu munsi ukore ibyo wakoraga.

**9. Imana iha ababyeyi ba bagabo inshingano zo gutoza abana mu nzira zayo.** (Soma Abefeso 6:4.) Niba utari umurinzi mwiza usohoza inshingano z'umuryango wawe, no mu murimo uzagira imbogamizi cyane.

(Soma 1 Timoteyo 3:4, 5; 1 Petero 3:7.)

KUZIRIKANA:

*Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze Itorero akaryitangira (Abefeso 5:25).*

UKURI KW'INGENZI:

Imana yagushinze ubuzima bwiza bw'urushako n'umuryango byawe.

IGISUBIZO CYAWE:

- Tangira utere za ntambwe enye twabonye mu ngingo ya 3.
- Tangira ushyireho uburyo bwo kwirinda kuba wagwa mu cyaha cy'ubusambanyi.



**Ibisobanuro**

# *Imigambi ya Satani*

## Soma: 2 Abakorinto 2:10, 11; Abagalatiya 5:16; 1 Yohana 2:16, 17

> Mbere yuko Augustine akizwa yarabayeho mu buzima bw'icyaha. Umunsi umwe yumva abana baririmba ngo *"fata usome, fata usome."* Arebye hasi abona Bibiliya. Umurongo wambere yarambuye wari Abaroma 13:14: *"Ahubwo mwambare Umwami Yesu Kristo, kandi ntimuhe urwaho imibiri yanyu ngo ibone uko ikora ibyo yifuza."* Biturutse kuri ibyo Augustine arakizwa ndetse aza no kuzaba umuhanga mu bya tewologiya.

Muri Yesu Kristo dufite ibyo dukeneye ngo dutsinde ibiturwanya ndetse n'ibirwanya umugambi w'Imana mu buzima bwacu. Iyo duhagaze mu masezerano Imana iduha kandi tukemera ubuzima busha muri Kristo Yesu, tuba abatsinzi no kurushaho. (Soma 2 Petero 1:3, 4; Abaroma 8:1– 4.)

1. **Bibiliya itubwira ko turwana n'ibintu bitatu:**

• Icyitwa *"isi"* mu byanditswe bisobanura imibereho y'isi yitandukanije n'Imana. Ntidukwiye kurangazwa n'iby'isi n'urukundo rw'iby'isi. (Soma 1 Yohana 2:15.)

• *Umubiri* tubona uvugwa mu byanditswe Usobanura kamere y'ibyaha hanze y'ubuzima muri Kristo.Abanditsi ba Bibilaya bavuga ko intambara y'umwuka n'umubiri;ko ar'intambara ya kamere ishaje na kamere nshya. (Soma Abagalatiya 5:16 – 25; Abefeso 4:22 – 24; Abakolosayi 3:8 –14.)

• Satani n'imbaraga z'abadayimoni.Nta bwo satani aba atwiyenzaho gusa, arashaka kuturimbura. Ariko Yesu Kristo yaramutsinze ku musaraba (Soma Luka 22:31, 32; Yohana 10:10; Abakolosayi 1:13, 14; 2:15.)

**Ntimugakunde iby'isi cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby'isi gukunda data wa twese ntikuba kuri muri we, 1 Yohana 2:15**

**2. Imigambi ya satani si mishya kandi nta bwo ari myinshi.** Akomeza gusitaza abantu akoresheje intwaro zimwe, dore imwe mu mugambi ya satani imaze igihe:

• *Gukunda impiya*. Ntangazwa n’umubare munini w’ababwiriza butumwa bataramenya itandukaniro hagati ya umutungo wabo n’umutungo w’itorero. Tugomba kuba inyangamugayo mu mutungo w’umurimo twashinzwe. (Soma 1 Timoteyo 3:3; 6:6 –11.)

• *Ubusambanyi.* Kwiyandarika mu bakomeye n’icyorezo ku isi hose. Ariko twe tugomba kwiyemeza kuba ubuzima butunganye. (Soma Imigani 5:18 – 23; 1 Abatesalonike 4:3 – 7.)

• *Gukoresha nabi ubutware*. Tugomba kuba abayobozi bicishije bugufi, nka Yesu uko yarari. Yesu yihanangirije abigishwa be ababwira ko ubuyobozi kuri bo bugomba gutanduka cyane n’ubuyobozi bw’isi. (Luka 22:24 – 26.)

• *Gusharira*. Umuntu wifitemo umuzi wo gusharira ntamara kabiri mu murimo. Uko gusharira guhumanya ikirere cy’Umwuka umuzengurutse. (Soma Ibyakozwe n’Intumwa 8:22, 23; Abaheburayo 12:13 –15.)

• *Ingeso zose zidahwitse.* Abantu bamwe babaswe n’inzoga n’ibiyobyabwenga. Abandi babatwa no guhimbaza abantu. Abandi nabo babatwa n’ubusambanyi. Hari n’ababaswe n’ibiryo. Ikimenyetso cy’ubukure ni ukugabanya kwinezeza. Izi ngeso z’ububata zishobora kwangiza ubuzima bwawe, ubw’umuryango cyangwa n’umurimo

• *Ibitekerezo bisenya.* Rimwe mu buzima bwa benshi bakiri bato hazamo uruhererekane rw’ibitekerezo bibi bivuga biti, *“Ntuzigera ugera ku bintu bikomeye.” cyangwa, “ibyo ntiwabishobora. Ntiwaba umuyobozi mwiza.”* Imana ishaka ko twitandukanya n’iyo myumvire itumugaza. (Soma Abaroma 12:1, 2; Abefeso 4:22 – 24; Abakolosayi 3:10.)

• *Kwangiza igihe.* Iki gishobora gusa nkaho ari icyaha gito ugereranyije n’ibindi byaha twabonye. Ariko kwangiza igihe bizagutera kuba uwu mumaro mucye nk’indi migambi mibi yose ya satani. (Soma Abakolosayi 4:5.)

**3. Satani yagerageje Yesu mu buryo bumwe natwe atugerageza.** Mu butayu satani yageragereshe je Yesu irari ry’umubiri, irari ry’amaso no kwishyira hejuru. (Soma Matayo 4:1–11.) Yesu yageragejwe mu buryo bwose tugeragezwano. Nk’umutambyi mukuru w’umunyampuhwe aratwumva kandi akadufasha iyo tugeragejwe. (Soma Abaheburayo 1:17, 18; 4:15, 16.) Muri buri kigeragezo Yesu yasubije satani ati, *“Haranditswe.”* Umwana w’Imana yatsinze satani akoresjeje ijambo ry’Imana nk’intwaro. Uku niko natwe twatsinda ibigeragezo byacu.

**4. Tugomba kwambara intwaro zose z'Imana.** (Soma Abefeso 6:10 – 18.) Iyo tugandukiye Imana tukarwanya satani, twambaye intwaro z'Imana, intsinzi aba ar'iyacu. (Soma Yakobo 4:7.)

**5. Ntitugomba kwibanda kuri satani tugomba kwibanda kuri Yesu!** Dukwiye kwihingamo ibyiyumviro byo "gukiranuka" kurusha ibyo "gukiranirwa." Igiti cy'imbuto ntikihatira gukuraho amababi yapfuye. Ariko cyihatira gutoha no kwera imbuto. Izo mbuto nshay nizo zikuraho amababi yapfuye. Tugomba kugaburira umuntu mushya wacu muri Kristo Yesu. Yego dufite umwanzi, ariko tugomba kumurwanya tugahanga amaso Uwiteka. (Soma 2 Abakorinto 2:14; 1 Petero 5:8, 9.)

**6. Na n'uyu mwanya Yesu ari kutuburanira imbere y'Imana.** Izina rimwe muri menshi ya satani ni"umurezi wa bene Data." Ariko muri urwo rubanza dufite Yesu Kristo nk'utuburanira! (Soma Abaheburayo 2:14; 7:25; Ibyahishuwe 12:10.)

**KUZIRIKANA:**

*Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari urusange mu bantu, kandi Imana ni iyo kwizerwa kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira.(1 Abakorinto 10:13).*

**UKURI KW'INGENZI:**

Imana yatanze intsinzi kuri buri kigeragezo duhura na cyo.

**IGISUBIZO CYAWE:**

- Ese uri kugendera mu butsinzi Imana yaguhaye?
- Saba mwuka wera akumurikire buri cyaha cyawe mu buzima bwawe. Atura icyo cyaha, ucyihane wizere ko Imana iguhaye intsinzi yuzuye.

## Ibisobanuro

# *Kubaho Wita ku Bifite Umumaro*

## Soma: Matayo 25:14 – 30; Abaroma 14:8 – 12; 1 Abakorinto 3:11 – 16; 2 Abakorinto 5:7– 10

Nkir'umwana mama yakundaga kujyana kureba imikino y'abanyarwenya. Ndibuka uburyo byababaga bitangaje umwe muri bo yinjiraga mu isenga ry'intare icyo afite ar'inkoni n'intebe y'amaguru ane gusa. Ni gute inkoni n'intebe byagukiza inyamaswa z'inkazi?

Naje kumenya ko intebe y'amaguru ane irangaza intare ikaguma yibazi iti se n'ukuhe kuguru nakwibanda ho kurusha andi, ikaguma yibaza ibyo bikayitera kuba itarya uwo muntu..

Mu buryo bumwe rero abakristo muri iki gihe bararangaye. Ntibashobora guhanga amaso iby'umumaro w'ikirenga, bafite ibyerekezo byinshi, ntibashobora kwibanda ku kintu kimwe, bikabsiga nta mpungenge bateje.

Tugomba gutumbira iherezo ryacu —kuko iherezo ryacu rifite umumaro munini. Ariko muri iki gihe buri kimwe Cyose gishaka kuturangaza kitubuza kureba ukuri kw'ibiriho. Tubereyeho buri kimwe cyose uretse ibifite umumaro nyakuri. Hari ibintu bitatu biri ahazaza bimpa guhora ntumbereye kuberaho iby' umumaro nyawo:

**1. Intebe nini y'ubwami yera impa imbaraga zo Kubwiriza.** Yohana yabonye ahazaza Ubwo abapfuye bose bazahagarara imbere y'Imana. Abo amazina yabo atari mu gitabo cy'ubugingo Bajugunywa mu nyanja yaka umuriro. Ibi bikwiriye gutera imbaraga buri mu Kristo imbaraga zo gusangisha benshi Yesu Kristo. (Soma Ibyahishuwe 20: 11-15.)

**2. Intebe y'imanza ya Kristo impa imbaraga zo kwiyeza.**

Martin Luther yaravuze ati *"hari Iminsi ibiri ikomeye kuri jye gusa: uyu munsi ndetse n'uwo munsi*

**Hahirwa umuntu wihanganira ibimugerageza kuko namara kwemerwa azahabwa ikamba ry'ubugingo, iryo Imana yasezeranije abayikunda Yakobo 1:12**

Ubuzima bwacu bwose nyuma yo gukizwa buzashyirwa imbere ya Kristo ngo abusesengure. Ibyo dukora byose dukwiye kuikora tuzi ko uwo munsi udutegereje. Ibyo ukora uyu munsi bizahoraho iteka ryose. Kugusha ishyano kuruta ukundi n’uguhomba ijuru; ariko ishyano rindi naryo ryaba ari ukwinjira ijuru nta ngororano. (Soma 1 Abakorinto 3:11 –15; 2 Abakorinto 5:10, 11.)

Tugomba kwibuka ko agakiza atari ingororano; n’impano duhabwa iyo twizereye mu murimo Yesu yakoreye ku musaraba. Ariko iyo tumaze kwakira agakiza hari ingororano dushobora guhabwa iyo tubaye abiringirwa muri Kristo Yesu. Ese kuki tugomba kwifuza izi ngororano? Nuko ijuru rivuga ko izi ngororano zifite agaciro gakomeye.

Akenshi Bibiliya igereranya izi ngororano n’amakamba. Ntabwo nshishikajwe no kuzambara ikamba ndi mu ijuru, ariko nifuza cyane kuzahabwa ayo makamba! Ndifuza icyo gifite agaciro ko gushyirwa ku birenge bya Yesu Kristo, bitari mu buryo bw’ikiguzi cy’agakiza ahubwo uburyo bwo guhimbaza no gushima ku bw’ako gakiza. Hari amakamba y’ubwoko butanu twakwakira, kandi hari ibisabwa ngo ubone buri kamba.

• *Ikamba ryo gukiranuka*. (Soma 2 Timoteyo 4:6 – 8.) Ibisabwa kugirango uhabwe iri kamba birumvikana neza:

• *Kurwana intambara nziza yo kwizera*. Hari uwavuze ati "intambara nziza n’iyo watsinze!” Twe ntiturwana n’abantu turwana na satani n’imyuka y’abadayimoni. (Soma Abefeso 6:10 – 18.)

• *Rangiza isiganwa.* Haracyari kare ngo ugamburuzwe. Uko ibigeragezo byangana guma mu isiganwa! Nutagamburuzwa ntuzanatsindwa.

• *Gumana kwizera.* Guma mu kuri kw’amahame yo kwizera kwa gikristo. Ntuzabe *“inzirakarengane y’ibya tewolojiya”* uva mu kuri kw’ijambo ry’Imana. (Soma Abefeso 4:14, 15; Yuda 3.)

• *Kunda iyerekanwa rya Kristo.* Ishimire mu byiringiro by’igaruka rya Yesu. Kubaho dutegereje igaruka rya Yesu biratweza. (Soma 1 Yohana 2:28; 3:2, 3.)

• *Ikamba ry’ubuzima.* (Soma Yakobo 1:12; Ibyahishuwe 2:10.) Nyakubahwa Walter Raleigh yigeze kwijujutirwa n’bantu kuko yarambuye umwambaro we uhenze hasi ngo umwami kazi awukandagire ntakandagire mu cyondo. Ariko Raleigh yari azi ukuri ko nta kintu gipfa ubusa iyo gitangiwe ubwami. Umwami kazi yituye Walter Raleigh ibyo yakoze, n’umwami wacu azatwitura kubera ibyo dutanga byose kubwe. Ikamba ry’ubuzima akenshi ryitwa ikamba ry’abahowe Kristo.” Kuko rihabwa abiringira Yesu kugeza aho banatanga ubuzima bwabo kubwe. Kuri Yakobo we rihabwa n’abatsinda ibigeragezo. Yakobo avuga cyane ko umuntu ukunda Imana by’ukuri yihanganira ibigeragezo.

• *Ikamba ritangirika*. (Soma 1 Abakorinto 9:25.) Iri kamba rihabwa abantu bashyira ku murongo mwiza ubuzima bwabo bwose. Pawulo aravuga ati abiruka bitoreza cyane ikamba ryangirika ariko twe ho twitorezo ikamba ritangirika. Akongera akavuga ko ababariza umubiri wekugira ngo ataboneka ko atemewe. (Soma 1 Abakorinto 9:26, 27; Abafilipi 3:12 – 14.)

• *Ikamba ryo kunezerwa*. (Soma 1 Abatesaloniki 2:19, 20.) Pawulo yavuzeko azanezerwa ubwo azabona Abatesaloniki yabwirije ibya Kristo bagakizwa mu ijuru. Iri kamba kandi ryitwa "ikamba ry'abazaniye Kristo abantu." Nta byishimo biruta kuba wazana umuntu mu gakiza akizera Kristo Yesu.

• *Ikamba ry'ubwiza.* (Soma 1 Petero 5:1–4.) Ibyiringiro by'iri kamba bigomba guhumuriza abayobozi b'amatorero b'abiringirwa bose. Gusohoza umurimo wawe bizapimirwa ku ntebe y'urubanza ya Kristo. Kumva Yesu akubwira ko wakoze neza bizaba bikwiye ibyo wigomye byose. (Soma Matayo 25:14–30.) Ntitwabasha no kwiyumvisha ingororano Imana izaha abagaragu bayo beza. (Soma 1 Abakorinto 2:9.)

**3. Guhagarara imbere y'intebe y'Imana kwa mahanga yose bintera imbaraga zo gukora ubumisiyoni.** (Soma Ibyahishuwe 5:9; 7:9, 10.) Inshingano ikomeye izasohozwa! Yesu azahimbazwa n'abo yacunguye b'amahanga yose, n'amoko yose ndetse n'indimi zose. Duhabwa icyubahiro no gutanga ubufasha uko twegera uwo munsi w'amateka.

**Ibisobanuro**

**KUZIRIKANA:**

*Ariko ni iki gituma ucira mwene So urubanza? Kandi nawe ni iki gituma uhinyura mwene So? Twese tuzahagarara imbere y'intebe y'imanza y'Imana, kuko byanditswe ngo “Uwiteka aravuga ati ‘Ndirahiye, Amavi yose azampfukamira, Kandi indimi zose zizavuga ishimwe ry'Imana” (Abaroma 14:10, 11).*

**UKURI KW’INGENZI:**

Tugomba gutumbira iherezo ryacu kuko nyuma ya byose iherezo ryacu ni ryo rifite agaciro.

**IGISUBIZO CYAWE:**

- Ese n’iki kiguha imbaraga zo kubwiriza?
- Ese n’iki kiguha imbaraga zo gutungana ku giti cyawe?
- Ese n’iki kiguha imbaraga zo kuba wakora ubu misiyoni?